

Rwanda Scouts Association (RSA)



AMATEGEKO
NGENGAMIKORERE

Kigali, Gicurasi 2019

IBIRIMO

IBIRIMO	1
AMATEGEKO NGENGAMIKORERE Y'UMURYANGO RWANDA SCOUTS ASSOCIATION	5
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	5
Ingingo ya mbere: Impamvu y'amategeko ngengamikorere	5
Ingingo ya 3: Ubunyamuryango bwa RSA muri OMMS	5
Ingingo ya 4: Icyicaro cy'Umuryango	5
Ingingo ya 5: Intumbero ya RSA (Vision)	6
Ingingo ya 6: Umugambi wa RSA (Mission)	6
Ingingo ya 7: Intego za RSA (Objectives)	6
Ingingo ya 8: Ubwigenge bwa RSA	6
UMUTWE WA KABIRI: ABAGIZE UMURYANGO	8
IGICE CYA MBERE: ABANYAMURYANGO	8
Ingingo ya 9 : Abanyamuryango	8
Ingingo ya 10: Ibyiciro by'abanyamuryango	8
Ingingo ya 11: Uburenganzira bw'abanyamuryango	8
Ingingo ya 12: Inshingano z'umunyamuryango wa RSA	8
Ingingo ya 13: Umusanu w`umunyamuryango	9
Ingingo ya 14: Kumenyakanisha abayobozi	9
IGICE YA KABIRI: ABAKORERA UMURYANGO BATABIHEMBERWA	9
Ingingo ya 15: Abayobozi	9
Ingingo ya 16: Ihame ry'ubukorerabushake	9
Ingingo ya 17: Kumenyeshwa inshingano	9
IGICE CYA GATATU: ABAKOZI BABIHEMBERWA	10
Ingingo ya 18 : Umukozi ubihemberwa	10
Ingingo ya 19: Gukurikiza amategeko	10
UMUTWE WA GATATU: UBURYO UBUSKUTI BUKORWAMO	11
Ingingo ya 20: Uburyo Ubuskuti Bukorwamo	11
Ingingo ya 21: Inshingano z'Umuskuti	11
Ingingo ya 22: Ukwemera kw'Umuskuti	11
Ingingo ya 23 : Itegeko ry'Abaskuti	11
Ingingo ya 24: Isezerano ry'Abaskuti	12
UMUTWE WA KANE: IBIMENYETSO BIRANGA ABASKUTI MU RWANDA	13
Ingingo ya 25: Ibimenyetso	13

Ingingo ya 26: Umwambaro w'Abaskuti	13
Ingingo ya 27: Ibigize umwambaro w'abaskuti	13
Ingingo ya 28 : Imiterere ya fulari	14
Ingingo ya 29: Ikimenyetso cya Rwanda Scouts Association	14
Ingingo ya 30: Igihe umwambaro wambarwa	15
Ingingo ya 31: Guhindura umwambaro w'abaskuti	15
Ingingo ya 32: Ikarita y'Umunyamuryango	15
UMUTWE WA GATANU: IMITERERE Y'INZEGO Z'UBUYOBOZI	15
IGICE CYA MBERE : INZEGO Z'UBUYOBOZI	16
Ingingo ya 33: Imiterere y'inzego z'Ubuyobozi	16
Ingingo ya 34: Itorero	16
Ingingo ya 35 : Umutwe	16
Ingingo ya 36 : Inteko	16
Ingingo ya 37: Kwemererwa kuba Umutwe cyangwa Inteko	17
Ingingo ya 38: Akarere k'Ubuskuti	17
Ingingo ya 39: Ububasha bwa Komiseri w'Akarere	17
Ingingo ya 40: Inshingano za Komiseri w'Akarere k'Ubuskuti	17
Ingingo ya 41: Inshingano za Komiseri Mukuru	18
Ingingo ya 42: Inshingano za Komiseri Mukuru Wungirije	18
Ingingo ya 43 : Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru	19
Ingingo ya 44 : Inshingano za Komiseri ushinzwe imari n'umutungo	19
Ingingo ya 45: Inshingano za Komiseri ushinzwe iterambere	20
Ingingo ya 46 : Inshingano za Komiseri ushinzwe inyigisho n'amahugurwa	21
Ingingo ya 47: Inshingano za Komiseri ushinzwe ububanyi n'amahanga	21
Ingingo ya 48: Isuzumamikorere y'Abagize inzego z'Ubuyobozi.	22
IGICE CYA KABIRI : INZEGO ZIFATA IBYEMEZO Z'UMURYANGO W'ABASKUTI MU RWANDA	23
Ingingo ya 49 :Inzego zifata ibyemezo	23
Ingingo ya 50 : Abagize Inama y'Umutwe	23
Ingingo ya 51 : Inshingano z'Inama y'Umutwe	23
Ingingo ya 52 : Iterana ry'Inama y'Umutwe	23
Ingingo ya 53 : Inama y'Inteko	23
Ingingo ya 54 : Inshingano z' Inama y'Inteko	24
Ingingo ya 55: Iterana ry'Inama y'Inteko	24
Ingingo ya 56 : Abagize Inama Nkuru y'Akarere	24
Ingingo ya 57 : Inshingano z'Inama Nkuru y'Akarere	24

Ingingo ya 58 : Iterana ry'Inama Nkuru y'Akarere	25
Ingingo ya 59 : Inama Nkuru y'Umuryango	25
Ingingo ya 60: Indorerezi mu Nama Nkuru y'Umuryango	25
Ingingo ya 61: Inshingano z'Inama Nkuru y'Umuryango	25
Ingingo ya 62: Amatora	26
Ingingo ya 63: Inshingano z'Akanama gashinzwe amatora	26
Ingingo ya 64: Abagize akanama gategura amatora	26
Ingingo ya 65: Uwemerewe kwiyamamaza	26
Ingingo ya 66: Kwerekana abakandida	27
Ingingo ya 67: Uko amatora akorwa	27
Ingingo ya 68: Guhagararira umuntu mu nama zifatirwamo ibyemezo	27
Ingingo ya 69: Kunganya amajwi	27
Ingingo ya 70: Indahiro ku bayobozi batowe	27
Ingingo ya 71: Ihererekanyabubasha	27
Ingingo ya 72: Isimbuzwa ry'uvuye mu nama y'Ubutegetsi	28
Ingingo ya 73: Iterana ry'Inama Nkuru	28
Ingingo ya 74: Itumizwa ry'Inama Nkuru	28
Ingingo ya 75: Umubare Nkenerwa	28
Ingingo ya 76: Ifatwa ry'Ibyemezo	28
Ingingo ya 77: Gusubika inama	29
Ingingo ya 78: Uburenganzira ku ijwi	29
IGICE CYA GATATU: INZEGO NYUBAHIRIZABYEMEZO	30
Ingingo ya 79: Inzego Nyubahirizabyemezo	30
Ingingo ya 80: Inama y'Ubuyobozi y'Umutwe	30
Ingingo ya 81: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi y'Umutwe	30
Ingingo ya 82: Iterana ry'Inama y'Ubuyobozi y'Umutwe	30
Ingingo ya 83: Abagize Inama y'Ubuyobozi y'Inteko	30
Ingingo ya 84: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi y'Inteko	30
Ingingo ya 85 : Iterana ry'Inama y'Ubuyobozi bw'Inteko	31
Ingingo ya 86: Abagize Inama y'Ubutegetsi y'Akarere	31
Ingingo ya 87: Inshingano z'Inama y'Ubutegetsi y'Akarere	31
Ingingo ya 88: Iterana ry'Inama y'Ubutegetsi y'Akarere	31
Ingingo ya 89: Inama y'Ubutegetsi ku Rwego rw'Igihugu	31
Ingingo ya 90: Inshingano z'Inama y'Ubutegetsi y'Umuryango	32
Ingingo ya 91: Ihuriro ry'urubyiruko rw'Abaskuti	32
Ingingo ya 92; Abagize Komite Nyobozi y'Ihuriro ry'urubyiruko rw'Abaskuti	33

Ingingo ya 93: Umwanya w'Ihuriro ry'urubyiruko mu Nzego zifata ibyemezo	33
Ingingo ya 94: Inshingano za Komite y'Ihuriro ry'Urubyiruko rw'Abaskuti kuri buri rwego	33
Ingingo ya 95: Akanama k'Ubugenzuzi	34
Ingingo ya 96: Inshingano z'Akanama k'Ubugenzuzi	34
Ingingo ya 97: Akanama Nkemuramakimbirane	35
Ingingo ya 98: Inshingano z'Akanama Nkemuramakimbirane	35
Ingingo ya 99: Akanama Ngengamyitwarire	35
Ingingo ya 100 : Inshingano z'Akanama Ngengamyitwarire	35
Ingingo ya 101: Komisiyo zo ku rwego rw'Igihugu	36
Ingingo ya 102: Komisiyo zihariye (ad hoc)	36
UMUTWE WA GATANDATU: Umutungo w'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda	37
Ingingo ya 103: Aho umutungo wa RSA uturuka	37
Ingingo ya 104: Imicungire y'umutungo w'Umuryango	37
Ingingo ya 105: Ikurikiranwa ry'imicungire mibi	37
UMUTWE WA KARINDWI: Amategeko y'Inzibacyuho	38
IGICE CYA MBERE: KWEGURA NO GUHAGARIKWA	38
Ingingo ya 106: Kwegura	38
Ingingo ya 107: Guhagarikwa kw'ugize Inama y'Ubutegetsi ku Rwego rw'Igihugu	38
Ingingo ya 108: Guhagarikwa kw'Abagize Inama y'Ubutegetsi ku rwego rw'Akarere	38
Ingingo ya 109: Guhagarikwa kw'abandi bayobozi	38
IGICE CYA KABIRI: GUTAKAZA UBUNYAMURYANGO	39
Ingingo ya 110: Impamvu zo gutakaza ubunyamuryango	39
Ingingo ya 111: Guhagarika umunyamuryango by'agateganyo	39
Ingingo ya 112: Kwirukana umunyamuryango bya burundu	39
Ingingo ya 113: Ingaruka zo gutakaza ubunyamuryango	40
Ingingo ya 114: Utangaza gutakaza ubunyamuryango	40
IGICE CYA GATATU: GUHINDURA AMABWIRIZA NGENGAMIKORERE	40
Ingingo y'115: Guhindura aya mategeko	40

AMATEGEKO NGENGAMIKORERE Y'UMURYANGO RWANDA SCOUTS ASSOCIATION

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Iningo ya mbere: Impamvu y'amategeko ngengamikorere

Aya mategeko ngengamikorere afite intego yo kunganira Amategeko Shingiro ya Rwanda Scouts Association, kuyasobanura mu buryo bwimbitse hagamijwe kwirinda ko hashobora kugira ibitumvikana byagorana kubishyira mu bikorwa. Ashobora guhindurwa n'Inama Nkuru y'Umuryango igihe cyose bibaye ngombwa. Aya Mategeko Ngengamikorere yasubiwemo kugirango ahuze n'imihindukire y'Amategeko Shingiro y'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda, ahuzwe kandi n'Itegeko Nshinga ry'Umuryango w'Abaskuti ku Isi (WOSM), hakurikijwe kandi itegeko No 4/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere y'imiryango nyarwanda itari iya Leta Iningo ya 2: Inyito y'Umuryango n'ikoreshwa ryayo.

Mu Mategeko Shingiro uko yavuguruwe, mu rwego rwo kugira izina rimwe rikoreshwa, umuryango wiswe "Rwanda Scouts Association". Ni umuryango ugamiye inyungu rusange, ugengwa n'itegeko No 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 rigenga imiryango idaharanira inyungu nk'uko ryavuguruwe n'itegeko No 4/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere y'imiryango nyarwanda itari iya Leta, hamwe n'aya Mategeko Shingiro. Ukaba warahawe ubuzimagatozi n'Iteka rya Minisitiri n° 161/01 JUST ryo kuwa 27 Ukuboza 1968 ryatangajwe mu igazeti ya Leta n° 1 Mutarama 1969. Uwo muryango ntugamije ibikorwa bya politiki kandi nta gihe kigenwe uzamara.

Nta muntu cyangwa undi muryango uwo ariwe wese wemerewe guhindura cyangwa kwiyitirira inyito: « Rwanda Scouts Association » RSA mu magambo ahinnye y'icyongereza.

Iningo ya 3: Ubunyamuryango bwa RSA muri OMMS

Rwanda Scouts Association ni umunyamuryango w'Umuryango w'Abaskuti ku Isi (World Organization of the Scout Movement; WOSM mu magambo ahinnye y'icyongereza). Yemerewe kuwinjiramo mu nama Mpuzamahanga y'Abaskuti ya 25 yabereye I Kopenihageni (Copenhaguen) muri Danemariki (Danemark) kuwa 22 Kamena 1975.

Kubw'ibyo rero RSA ikaba yemera kandi igendera ku Itegeko Shingiro ry'Umuryango w'Abaskuti ku Isi.

Iningo ya 4: Icyicaro cy'Umuryango

Icyicaro cy'Umuryango kiri mu Murenge wa Rwezamenyo, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru w'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi mu Rwanda byemejwe na bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize Inama Nkuru y'Umuryango.

Ingingo ya 5: Intumbero ya RSA (Vision)

RSA ifite intumbero yo kugira urubyiruko rw'abaskuti mu Rwanda, bafite uburere, ubumenyi ndetse n'imyifatire bituma baba abanyarwanda b'ingirakamaro, bagira uruhare mu iterambere rirambye ryabo, iry'aho batuye, iry'u Rwanda ndetse n'iry'isi yose.

Ingingo ya 6: Umugambi wa RSA (Mission)

Umugambi wa RSA ni ugutanga umusanzu mu burere bw'urubyiruko, hifashishijwe Isezerano, Itegeko ry'Abaskuti kugira ngo bafatanyirize hamwe kubaka u Rwanda rwiza kurushaho, bagira uruhare mu iterambere ryabo ndetse n'iry'igihugu cyabo muri rusange.

Ingingo ya 7: Intego za RSA (Objectives)

Hashingiwe ku Itegeko Nshinga ry'Umuryango w'Abaskuti ku Isi kandi nk'uko bigaragara mu ngingo ya 5 y'Amategeko Shingiro y'Umuryango RSA, intego zawo ni izi zikurikira:

1. Gufasha urubyiruko kurushaho gusobanukirwa no kuzuza inshingano zarwo ku Mana, ku bandi no kuri buri wese ku gitи cye.
2. Gutoza urubyiruko gukunda Igihugu cyababyaye;
3. Gutoza urubyiruko kuba inyangamugayo
4. Gufasha urubyiruko guteza imbere ubushobozi bw'umubiri, ubwenge, kunoza imibanire yarwo n'abandi, guteza imbere imbamutima, guteza imbere Iyobokamana kugira ngo rushobore kwigirira akamaro no kukagirira abandi.

Ingingo ya 8: Ubwigenge bwa RSA

Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda urigenga imbere y'indi miryango iyo ari yo yose. Icyakora iyo winjiye mu mahuriro n'iyindi miryango, wihatira kwuzuza inshingano uba warumvikanyeho n'abagize ayo mahuriro.

Kubera ko RSA ari umuryango utabogamiye kuri politiki, ntushobora gukoreshwa mu bikorwa bigamije politiki ibyo ari byo byose.

UMUTWE WA KABIRI: ABAGIZE UMURYANGO

IGICE CYA MBERE: ABANYAMURYANGO

Ingingo ya 9 : Abanyamuryango

Umuryango ugizwe n'abanyamuryango nyakuri n'abanyamuryango b'icyubahiro:

- a) Abanyamuryango nyakuri ni abujuje ibi bikurikira :
 - (i) Kuba barasezeranye mu Muryango w'Abaskuti mu Rwanda; bakurikiranira mu Mutwe uzwi inyigisho zo mu byiciro ku buryo bugaragara;
 - (ii) Kuba ari abayobozi b'abaskuti bafite inshingano z'ubuyobozi zigenwa n'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda;
- b) Abaskuti baturutse mu yindi Miryango y'Abaskuti yemewe n'Umuryango w'Abaskuti ku Isi bakiyemeza gukomeza ubuskuti mu Rwanda bashyirwa mu banyamuryango nyakuri.
- c) Abanyamuryango b'icyubahiro ni abantu ku giti cyabo cyangwa imiryango, bemerwa n'Inama Nkuru y'Umuryango kubera inkunga batera Umuryango, haba mu bitekerezo cyangwa mu bikorwa.

Ingingo ya 10: Ibyiciro by‘abanyamuryango

- a) Hakurikijwe imyaka yabo, abanyamuryango bakiri mu izamuka mu ntera bagabanyijemo ibyiciro bikukira :
 - Kuva ku myaka 6 kugeza kuri 12 : Icyiciro cy' **Abatoni**
 - Kuva ku myaka 13 kugeza kuri 16 : Icyiciro cy' **Inkesha**
 - Kuva ku myaka 17 kugeza kuri 20 : Icyiciro cy' **Abahizi**
 - Kuva ku myaka 21 kugeza kuri 25 : Icyiciro cy' **Ingenzi**
- b) Ibisabwe n'Akanama gashinzwe inyigisho n'amahugurwa, Inama Nkuru y'Umuryango ifite ububasha bwo guhindura inyigisho n'imfashanyigisho, amahugurwa na biriya byiciro byavuzwe haruguru, byaba ari byose cyangwa bimwe muri byo.

Ingingo ya 11: Uburenganzira bw‘abanyamuryango

Buri munyamuryango afite uburenganzira bwo kumenyeshwa ibibera mu Muryango no guhugurwa. Afite kandi uburenganzira bwo gukorerwa ibindi byose bigenerwa abanyamuryango.

Ingingo ya 12: Inshingano z’umunyamuryango wa RSA

Umunyamuryango agomba gukurikiza Amahame Remezo y'Ubuskuti, agakurikiza Amategeko Shingiro n'Amategeko Ngengamikorere by'Umuryango, ibyemezo byafashwe n'Inama Nkuru y'Umuryango ndetse n'Inama y'Ubutegetsi. Agomba kandi guharanira ishema ry'Umuryango.

Iningo ya 13: Umusanzu w`umunyamuryango

Umunyamuryango agomba gutanga umusanzu wa buri mwaka. Akanama k'Ighugu gashinzwe iby'imari ni ko kawugena kakanateganya uko utangwa, bikemezwa n'Inama Nkuru y'Umuryango.

Iningo ya 14: Kumenyakanisha abayobozi

Mu rwego rwo korosha imikoranire myiza, nyuma y'amatora ashiraho Abayobozi, Umuryango wihutira kubimenyesha inzego z'abaskuti mu karere k'ubuskuti umuryango uherereyemo no ku isi, iza Leta, ndetse n' imiryango itandukanye bafitanye ubufatanyabikorwa.

IGICE YA KABIRI: ABAKORERA UMURYANGO BATABIHEMBERWA

Iningo ya 15: Abayobozi

Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda uyoborwa n'Abayobozi badakorera igihembo. Abayobozi badakorera igihembo ni abari mu nzego z'ubuyobozi bw'umuryango haba ku rwego rw'igihugu ndetse n'urw'Akarere. Imikorere yabo igenwa na Politiki y'Imikoreshereze y'Abayobozi ikunganirwa n'aya mategeko ngengamikorere.

Iningo ya 16: Ihame ry'ubukorerabushake

Kudakorera umushahara bigomba kuba ihame ridakuka rigenga inzego zinyuranye zatowe z'umuryango. Bityo, abatorewe imirimo y'ubuyobozi mu muryango ntibashobora gukora akazi bahemberwa mu Muryango. Abayobozi bashyizweho badatowe bashobora gukora imirimo bahemberwa bibaye ngombwa.

Icyakora, mu gihe umwe mu bagize inzego z'ubuyobozi za RSA ahamagariwe gukora imirimo idafite aho ihuriye n'inshingano yatorewe, ashobora guhabwa agahimbazamusyi (kanyuranye n'umushahara) hakurikijwe igihe, ibyo yatanze (resources) n'imbaraga yakoresheje kugira ngo asohoze iyo mirimo. Icyemezo cyo gutanga agahimbazamusyi gifatwa n'Inama y'Ubutegetsi ku rwego igikorwa gikorerwaho.

Mu rwego rwo kwirinda ko gukora izo nshingano byahungabanya ubusugire bw'ibyemezo ku rwego arimo, uwo bireba abishyira mu nyandiko agaragaza ahashobora kuva ikibazo ndetse anagaragaza ingamba azafata kugira ngo byirindwe. Ibi bikabikwa mu gitabo cya Conflict of Interest Register.

Iningo ya 17: Kumenyeshwa inshingano

Uhawe umwanya yerekwa birambuye inshingano ze n'aho ububasha bwe bugarukira. Amenyeshwa igihe inshingano ze zizarangirira. Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda uteganya amahugurwa n'ibikoresho bya ngombwa kugirango uwo muntu atunganye imirimo ye.

IGICE CYA GATATU: ABAKOZI BABIHEMBERWA

Ingingo ya 18 : Umukozi ubihemberwa

Umukozi ubihemberwa ni uwiyemeza kugirana n'Umuryango amasezerano y'akazi gahemberwa. Ayo masezerano aba agomba kugaragaza inshingano ze, imikorere, imikoranire ndetse n'igihe amasezerano y'akazi azamara, agashyirwaho umukono na Komiseri Mukuru n'umukozi ubwe.

Umukozi uhembwa n'Umuryango ashayirwaho kandi akanakurwa ku murimo na Komiseri Mukuru abanje kubigishamo inama abagize Inama y'ubutegetsi y'Umuryango.

Ingingo ya 19: Gukurikiza amategeko

Abakozi bahembwa n'Umuryango bagomba kwemera gukurikiza Amategeko Shingiro n'andi mabwiriza by'Umuryango. Ntibagomba kwitwaza imirimo bashinzwe ngo bikorere ibitandukanye n'imirimo bashinzwe. Bashobora gukora mu rwego rw'Igihugu cyangwa urw'Akarere. Amategeko Agenga Abakozi b'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda asobanura neza imikoranire yabo n'Umuryango. Aya mategeko kandi agomba kuba yubahiriza Amategeko agenga umurimo mu Rwanda.

Imikorere, inshingano ndetse n'uburyo abakozi babihemberwa bakurikiranwa mu kazi kabonigenwa na politiki igenga abakozi, nayo igomba gukurikiza itegeko ry'umurimo mu Rwanda. Kabone n'ubwo bakwitabira inama zaba iy'Inama y'Ubutegetsi cyangwa iy'Inama Nkuru y'Umuryango, abakozi babihemberwa nta burenganzira bwo gutora bagira mu gihe cyo gufata ibyemezo.

UMUTWE WA GATATU: UBURYO UBUSKUTI BUKORWAMO

Ingingo ya 20: Uburyo Ubuskuti Bukorwamo

Umuryango w'Abaskuti ugamije muri rusange uburere bukomatanyije bw'urubyiruko, ukaba rero ufile uburyo bwihariye bwo kubikoramo. Uburyo ubuskuti bukorwamo bushingiye ku mikoranire y'ibintu umunani by'ingenzi aribyo ibi bikurikira:

1. Isezerano n'Itegeko ry'Abaskuti;
2. Kwigira mu bikorwa;
3. Izamuka mu ntera ry'umuntu ku giti cye;
4. Kwigira no gukorera mu matsinda mato;
5. Ubufasha bw'abakuze;
6. Inyigisho zikoresha ishushanya-nyigisho;
7. Gukorera hanze mu bidukikije;
8. Kugira uruhare mu bikorerwa aho dutuye.

Ubu buryo bugomba kwifashishwa mu gutuma mu buskuti urubyiruko ruhabona uburere bufite ishingiro. Bugomba kandi gukoreshwu bukurikiza intego n'amahame y'umuryango w'abaskuti.

Ingingo ya 21: Inshingano z'Umuskuti

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Shingiro ry'Umuryango w'abaskuti ku isi (WOSM), umuskuti agira inshingano ziri mu byiciro bitatu by'ingenzi ari byo bikurikira:

1. Inshingano ku Mana
2. Inshingano kuri bagenzi be
3. Inshingano kuri we ubwe.

Abayobozi mu nzego zitandukanye z'umuryango bashishikarizwa gufasha ndetse no korohereza abaskuti bafite mu nshingano zabo kuzuza izo nshingano.

Ingingo ya 22: Ukwemera kw'Umuskuti

Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda usaba ko uwurimo wese akurikiza ukwemera kwe n'inyigisho zitangwa n'idini asengeramo ryemewe na Leta y'u Rwanda. Mu gihe cy'amateraniro y'igihe kirekire abayobozi basabwa korohereza buri muskuti wifuza kwitabira imihango y'idini cyangwa itorero asengeramo.

Ingingo ya 23 : Itegeko ry'Abaskuti

Itegeko ry'Abaskuti ni rimwe ku isi hose kandi rikubiye mu ngingo icumi ziteye ku buryo bukurikira :

1. Umuskuti ni inyangamugayo;
2. Umuskuti yubahiriza amategeko y'Imana n'ay'igihugu cye;
3. Umuskuti abereyeho gufasha no gutabara;
4. Umuskuti ni inshuti ya bose akaba n'umuvandimwe wa buri Muskuti;
5. Umuskuti arangwa n'ubupfura kandi yihanganira abandi;

6. Umuskuti abona mu bidukikije ibikorwa by'Imana, akarengera ibimera n'inyamaswa;
7. Umuskuti arubaha;
8. Umuskuti ahorana umucyo, ubutwari, akanarangiza ibyo ashinzwe byose;
9. Umuskuti ni umukozi, arazigama kandi yubaha iby'abandi;
10. Umuskuti arangwa n'isuku ku mubiri, mu bitekerezo, mu magambo no mu bikorwa.

Ingingo ya 24: Isezerano ry'Abaskuti

Usezerana mu Muryango w'Abaskuti mu Rwanda arahirira imbere y'ibendera ry'Umuryango w'Abaskuti n'iry'Igihugu muri aya magambo : «*Ku ishema ryanjye kandi mfashijwe n'Imana, niyemeje gukorera uko nshoboye Imana, u Rwanda, gufasha mugenzi wanjye muri byose no gukurikiza Itegeko ry'Abaskuti* ».

UMUTWE WA KANE: IBIMENYETSO BIRANGA ABASKUTI MU RWANDA

Iningo ya 25: Ibimenyetso

Umuskuti arangwa n'ibimenyetso bikurikira :

- Umwambaro w'abaskuti;
- Ikarita y'umunyamuryango.

Iningo ya 26: Umwambaro w'Abaskuti

- a. Umwambaro w'abaskuti mu Rwanda utandukanya umunyamuryango n'utari we, ukaranga abaskuti ubwabo ukurikije ibyiciro, imitwe, izamuka mu ntera rya buri muskuti n'imirimio ashinzwe.
- b. Umwambaro w'abaskuti mu Rwanda uteye utya :

(i) Ku bahungu :

- Ikabutura y'umukara ku cyiciro cya mbere cy'Abatoni,
- Ipantaro y'umukara ku cyiciro cy'Inkesha, Abahizi n'Ingenzi,
- Ishati ya kaki ifite imifuka ibiri ipfundikiye mu gituza kuri bose,
- Foulard igizwe n'ibara ry'ubururu rizengurutswe n'amabara y'icyatsi n'umuhondo.

(ii) Ku bakobwa :

- Ipantaro cyangwa ijipo y'umukara ku byiciro byose ndetse n'Abayobozi Bakuze,
- Ishati ya kaki ifite imifuka ibiri ipfundikiye mu gituza kuri bose,
- Foulard igizwe n'ibara ry'ubururu rizengurutswe n'amabara y'icyatsi n'umuhondo .

Iningo ya 27: Ibigize umwambaro w'abaskuti

Umwambaro ugomba kuba ufite :


- Ikimenyetso cy'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda ku mufuka w'iburyo,
- Ikimenyetso cy'Abaskuti muri Afurika hejuru y'umufuka w'ibumoso,
- Ikimenyetso cy'Umuryango w'Abaskuti ku Isi Yose ku mufuka w'ibumoso,
- Amashimwe n'amapeti byambarwa n'abaskuti bakiri mu izamuka mu ntera gusa, hakurikijwe inzego n'ibyiciro barimo. Ayo mashimwe n'ayo mapeti byambarwa ku kuboko kw'iburyo, naho ikimenyetso cy'Umutwe n'icy'Akarere bijya hejuru y'umufuka w'iburyo,
- Ikimenyetso cy'Umutwe n'icy'Akarere ni udutambaro twa kaki twanditseho amazina yabyo (Umutwe n'Akarere) mu ibara ry'umukara,

Ingingo ya 28 : Imiterere ya fulari

Buri muskuti ukiri mu izamuka mu ntera, asabwa kwambara fulari (foulard) iteye ku buryo bukurikira:

- c. Fulari iba ikozwe mu ishusho ya mpandeshatu ifite impande ebyiri zingana ngufi n'uruhande rumwe rurerure.
- d. Fulari igizwe n'amabara atatu, agize ibendera ry'u Rwanda; Ubururu, umuhondo n'icyatsi kibisi.
- e. Ibara ry'ubururu riba rigize igitambaro cyo hagati ari na ryo rinini. Hagakurikiraho ibara ry'umuhondo rikurikiwe n'ibara ry'icyatsi biri ku mizenguruko ibiri y'impande ebyiri ntoya.
- f. Fulari yambarwa ikaraze, hejuru y'ikora ry'ishati kandi igafungishwa ipfundu.
- g. Fulari kimwe n'izindi mpuzankano, kuyambara ni itegeko igehe cyose umunyamuryango ari mu bikorwa by'ubuskuti.

Uko fulari iba iteye iyo irambuye.



Ibindi bimenyetso biranga abanyamuryango bishyirwaho n'Akanama Gakuru Gashinzwe abayobozzi b'abaskuti n'Agashinzwe Inyigisho n'Imfashanyigisho, bikemezwu n'Inama Nkuru y'Umuryango.

Ingingo ya 29: Ikimenyetso cya Rwanda Scouts Association

Ikimenyetso kiranga Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda ni urukiramende ruhagaze rugizwe n'ibi bice bikurikira :

- Amabara y'ibendera rya Repubulika y'u Rwanda kandi akurikiranye nk'uko bimeze mu ibendera ry'u Rwanda;
- Ijambo «RWANDA» (hejuru) na «SCOUT » (hasi) n'ikimenyetso cy'Umuryango w'Abaskuti ku Isi mo hagati.

Icyo kimenyesto giteye gitya kandi ni ko kigomba gukoreshwa aho bibaye ngombwa ko gikora hose.



Iki kimenyetso ni umwihariko wa Rwanda Scouts Association. Mu rwego rwo kwirinda ko hari umuntu cyangwa ikigo byakoresha kimwe cyangwa byinshi muri ibyo bimenyetso agamije kwiyitirira ubuskuti, ibyo bimenyetso birarinze mu Rwanda. Byaba ibya RSA ndetse n'ibya WOSM, nta muntu n'umwe, umuryango cyangwa ikigo gifite uburenganzira bwo kubikoresha batebiherewe uburenganzira bwanditse na RSA cyangwa WOSM bitewe n'ikimenyetso bireba.

Iningo ya 30: Igihe umwambaro wambarwa

Kwambara umwambaro w'abaskuti ni itegeko ku banyamuryango ba RSA bari mu gikorwa cy'ubuskuti, ariko birabujijwe kwambara umwambaro w'abaskuti igithe utari mu mirimo cyangwa ibikorwa by'ubuskuti nk'inama cyangwa andi makoraniro.

Mu bikorwa binyuranye nka siporo, umuganda cyangwa ibindi bikorwa bisaba amaboko kandi bigaragara ko bishobora gutuma imyambaro igize impuzankano yandura cyangwa yangirika, abayobozi b'igikorwa bashobora kwemerera abaskuti kwitabira bambaye fulari gusa.

Iningo ya 31: Guhindura umwambaro w'abaskuti

Inama Nkuru y'Umuryango niyo yonyine ifite ububasha bwo kugira icyo ihindura ku mwambaro w'Abaskuti mu Rwanda ibisabwe n'Akanama Gashinzwe abayobozi b'abaskuti n'Agashinzwe Inyigisho n'Imfashanyigisho, nabo kandi babanje kumva ibitekerezo by'Abanyamruryango.

Iningo ya 32: Ikarita y'Umunyamuryango

Ikarita y'umunyamuryango ni iy'umuntu ku gitu cye kandi igomba kubaho umwirondoro we, ifoto, ubwoko bw'amaraso ye, umukono wa nyirayo, umukono w'Umuyobozi w'Akarere na kashe y'Akarere. Igihe imara gihwanye n'iyo nyirayo amara mu izamuka mu ntera mu byiciro. Akanama gashinzwe Inyigisho n'Imfashanyigisho gashyiraho amakarita y'abaskuti bakiri mu izamuka mu ntera. Inama y'Ubutegetsi bw'Umuryango ishyiraho amakarita y'Abayobozi Bakuze, ay'Abayobozi b'abaskuti n'ay'Abanyamuryango b'Icyubahiro.

UMUTWE WA GATANU: IMITERERE Y'INZEGO Z'UBUYOBOZI

IGICE CYA MBERE : INZEGO Z'UBUYOBOZI

Ingingo ya 33: Imiterere y'inzego z'Ubuyobozi

Inzego z'Ubuyobozi mu Muryango w'Abaskuti mu Rwanda ziteye zitya :

- a) Itorero
- b) Umutwe
- c) Inteko
- d) Akarere
- e) Igihugu

Ingingo ya 34: Itorero

Itorero rigizwe n'Abaskuti bari hagati ya batandatu (6) n'umunani (8), buri wese akaba afite umurimo ashinzwe. Itorero ni rwo rwego rw'ibanze rw'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda. Uriyobora atorwa n'abagize Itorero hakurikijwe ubushobozi bwe, agira umwungirije umwe nawe utorwa. Umuyobozi w'Itorero niwe urihagararira mu Nama y'Umutwe, akaba n'umwe mu bayigize.

Ingingo ya 35 : Umutwe

Umutwe ugizwe n'Amatorero kuva kuri ane (4) kugeza kuri atandatu (6). Hakurikijwe ibyiciro by'imyaka abawugize barimo, Umutwe bawita «Abatoni», «Inkesha», «Abahizi» cyangwa «Ingenzi» mu magambo y'igifaransa.

Umutwe uyoborwa n'Umuyobozi ugomba kuba afite nibura imyaka 21. Atorwa by'agateganyo n'Inama y'Umutwe, akemezwu n'Umuyobozi w'Akarere, abanje kumva icyo Umuyobozi w'Inteko abitekerezaho. Ashyirwaho ku buryo budasubirwaho na Komiseri Mukuru amaze gukurikirana neza amahugurwa agenewe abayobozi b'imitwe.

Umuyobozi w'Umutwe agira abafasha babiri (umuhungu n'umukobwa) batorwa n'Inama y'Umutwe bakemezwu n'Umuyobozi w'Akarere. Umuyobozi w'Umutwe ashinzwe kuyobora Umutwe no gutunganya imirimo yawo. Ahagararira uwo Mutwe mu Nama y'Akarere. Imirimo y'abungirije Umuyobozi w'Umutwe n'ibindi byerekeranye n'imikorere y'imitwe y'abaskuti bisobanurwa mu nyandiko ya gahunda y'inyigisho y'Urubyiruko mu Muryango w'Abaskuti mu Rwanda.

Ingingo ya 36 : Inteko

Inteko igirwa nibura n'imitwe ibiri (2) ikorera mu gace kamwe. Inteko iyoborwa n'Umuyobozi w'Inteko, akungirizwa n'Abayobozi b'Inteko babiri (2) umuhungu n'umukobwa. Batorwa n'Inama y'Inteko, bakemezwu na Komiseri Mukuru w'Umuryango. Kugirango yemererwe kuba Umuyobozi w'Inteko, umuskuti agomba kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21). Umuyobozi w'Inteko ashinzwe guhuza ibikorwa by'Imitwe iri mu Nteko ye. Ayobora inama y'Inteko kandi akaba ari mu bagize Inama y'Akarere.

Ingingo ya 37: Kwemererwa kuba Umutwe cyangwa Inteko

Kugira ngo Umutwe cyangwa se Inteko byemerwe kuba inzego z'ubuyobozi mu Muryango w'Abaskuti mu Rwanda bigomba kuba byujuje ibi bikurikira :

- Gukurikiza Amahame Remezo y'Ubuskuti, Amategeko Shingiro n'Amategeko Ngengamikorere by'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda;
- By'umwihariko, abaskuti bagize uwo Mutwe cyangwa iyo Nteko bagomba kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire imbere y'abaturage, ubutegetsi bw'igihugu n'ubw'amadini byo mu Karere bikoreramo.
- Komiseri Mukuru w'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda niwe utanga icyemezo kigaragaza y'uko Umutwe cyangwa Inteko byemewe, abisabwe n'Umuyobozi w'Abaskuti mu Karere uwo Mutwe ukoreramo.

Ingingo ya 38: Akarere k'Ubuskuti

Akarere k'Ubuskuti kagizwe n'Inteko, Imitwe y'Ibigo by'Abaskuti Biharanira Amajyambere mu Cyaro («Centres Scouts Ruraux de Developpement», «CSRD» mu magambo ahinnye y'igifaransa). Akarere k'ubuskuti gahuje imbibi n'Akarere ko mu Butegetsi bwhite bwa Leta. Kayoborwa na Komiseri w'Akarere k'Ubuskuti agafashwa na Komiseri Wungirije w'Akarere k'Ubuskuti. Batorwa n'Inama y'Akarere bakemezwu na Komiseri Mukuru w'Umuryango. Komiseri na Komiseri Wungirije b'Akarere k'Ubuskuti bagomba kuba bujuje nibura imyaka makumyabiri n'itanu (25), kuba indakemwa mu mico no mu myifatire kandi bakaba ariabantu bajijutse bihagije.

Ingingo ya 39: Ububasha bwa Komiseri w'Akarere

Komiseri w'Akarere k'Ubuskuti niwe uhagarariye Komiseri Mukuru mu Karere ayobora. Ayobora kandi agahuza ibikorwa by'Inama y'Ubutegetsi bw'Akarere. Ni nawe kandi uyobora Inama y'Akarere. Abitorerwa imyaka ine (4) ishobora kongerwa inshuro imwe mu buryo bwikurikiranyije. Yungirizwa na Komiseri Wungirije w'Akarere k'Ubuskuti kandi bagakorana n'abandi bagize Inama y'Ubutegetsi y'Akarere.

Ingingo ya 40: Inshingano za Komiseri w'Akarere k'Ubuskuti

Komiseri w'Akarere k'Ubuskuti akora imirimio ikurikira:

- a) Ahagararira Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda imbere y'iy'indi miryango y'urubyiruko, imbere y'ubutegetsi bwa Leta n'ubw'amadini mu Karere. Yungirizwa na Komiseri Wungirije w'Akarere k'Ubuskuti, afashwa kandi n'Abagize utunama twihariye mu buyobozi mu guhuza ibikorwa by'abaskuti mu Karere ayobora.
- b) Abisabwe n'Inama y'Ubutegetsi y'Akarere, atanga ububasha bwo gushinga Imitwe n'Inteko mu Karere ayobora.
- c) Asaba Komiseri Mukuru kwemera Imitwe n'Inteko byo mu Karere ayobora, amaze kugenzura ko bujuje ibisabwa byose.
- d) Asaba Komiseri Mukuru gusesa Imitwe n'Inteko byo mu Karere bitubahiriza ibivugwa mu ngingo ya 35 na 36 y'aya mabwiriza.

- e) Ashobora guhagarika by'agateganyo Imitwe n'Inteko byo mu Karere ayobora bitubahiriza ibivugwa mu ngingo ya 35 na 36 y'aya mategeko mu gihe agitegeree ko Inama y'Ubutegetsi y'Akarere iterana akabimenesha abagize Inama y'Ubutegetsi bw'Akarere na Komiseri Mukuru.
- f) Ni umwe mu bagize Inama Nkuru y'Umuryango.
- g) Aha Komiseri Mukuru raporo ya buri gihembwe, iy'umwaka n'iz'ikindi gihe cyose abona ari ngombwa cyangwa abisabwe.

I

Ingingo ya 41: Inshingano za Komiseri Mukuru

Komiseri Mukuru ashinzwe by'umwihariko imirimo ikurikira:

- a) Ni we uhagararira Umuryango imbere y'amategeko. Atumiza kandi akanayobora inama y'Inama Nkuru y'Umuryango ndetse n'iz'Inama y'Ubutegetsi.
- b) Kumenyekanisha, guteza imbere ndetse no guharanira ko ubuskuti mu Rwanda buba bwujuje ibisabwa ku rwego mpuzamahanga ku kigero gishimishije.
- c) Gukurira no kuyoboraakanama gatanga imidari, ibihembo n'amashimwe.
- d) Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa by'Imyanzuro y'Inama Nkuru y'Umuryango ndetse n'iy'Inama y'Ubutegetsi.
- e) Gushaka amakuru y'ibikorwa by'uturere tw'ubuskuti kandi akanabikurikirana.
- f) Abisabwe n'Inama y'Akarere, yemera cyangwa agasesa Imitwe n'Inteko.
- g) Abisabwe n'Abayobozi b'Akarere, yemera ishyirwaho n'ikurwaho ry'abagize Utunama Twihariye tw'Akarere.
- h) Gukurikirana no kubazwa imicungire y'umutungo w'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda. Muri iyi harimo imicungire y'umutungo, imikorere n'imyitwarire y'abakozi bahembwa b'umuryango.
- i) Kuyobora itegurwa ry'igenabikorwa ndetse n'ingengo y'imari by'igihe kirekire kandi akageza ku Nama y'Ubutegetsi ndetse n'Inama Nkuru y'Umuryango raporo z'umwaka n'iz'igihembwe.
- j) Bitanyuranyije n'amategeko agenga umurimo mu Rwanda, Komiseri Mukuru ashyiraho kandi agakuraho abakozi babihemberwa b'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda, abanje kubigishamo inama abagize Inama y'Ubutegetsi bw'Umuryango kandi akurikije inzego barimo.
- k) Abigiyemo inama n'abagize Inama y'Ubutegetsi, afata ibyemezo bya ngombwa byihutirwa bifitiye Umuryango akamaro.
- l) Komiseri Mukuru ni we ukurikirana igenamigambi ry'Uturere tw'Ubuskuti, uko rishyirwa mu bikorwa, uko bubahiriza gutanga raporo ndetse no kuzuza ibyo baba bariyemeje.

Ingingo ya 42: Inshingano za Komiseri Mukuru Wungirije

- a) Gusimbura Komiseri Mukuru kandi agakora inshingano ze mu gihe atabashije kuboneka.
- b) Kugira inama Komiseri Mukuru kandi akamufasha mu kurangiza inshingano ze
- c) Gushyigikira ibikorwa byose bitegurwa ku rwego rw'ighugu.
- d) Gushyira imbaraga mu gutegura no gushyira mu bikorwa ibikorwa by'Inama y'Ubutegetsi.
- e) Guteza imbere iyobokamana ndetse n'ubufatanye n'amadini atandukanye, hagamijwe guteza imbere Inshingano ku Mana mu Baskuti mu Rwanda.

- f) Gushyigikira kandi agafasha abari mu nzego bose mu gutera imbere mu buryo bwo kuyobora bugendera ku byifuzo by'abayoborwa. (Responsive leadership).
- g) Kugira inama Inama y'Ubutegetsi ku ngamba zo gukumira amakosa ndetse n'ibihano igihe amakosa yakozwe.
- h) Guteza imbere umuco w'ubukorerabushake no kongera amahirwe yo kubukora, hagamijwe guteza imbere ubumenyi n'ubushobozi Umuryango uzakenera ejo hazaza kandi binakenewe no mu buzima busanzwe.

Ingingo ya 43 : Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru

- a) Gutegura umurongo w'ibiyiga abigiyemo inama na Komiseri Mukuru, amaze no kubaza abandi bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa Inama Nkuru y'Umuryango.
- b) Gusakaza ubutumire n'izindi nyandiko zizifashishwa mu nama zateguve n'Inama y'Ubutegetsi mu gihe giteganywa n'Amategeko Shingiro.
- c) Akorana na Komiseri Nshingwabikorwa mu gutegura aho inama izabera, akamenya ko ibikenewe byose byabonetse kandi ku gihe.
- d) Ni we ukurikirana imigendekere y'inama. Areba ko umubare nkenerwa ngo inama zitangire wuzuye, agafata inyandikomvugo kandi akihitira kuyitanga ku bo bireba ngo inonosorwe. Iy'Inama y'Ubutegetsi ayigeza ku bayigize bitarenze icyumweru nyuma y'umunsi inama yabayeho. Iy'Inama Nkuru y'Umuryango ayigeza ku Nama y'Ubuyobozi ngo iyemeze by'agateganyo, ikazemezwa mu nama y'Inama Nkuru y'Umuryango ikurikiraho.
- e) Arakurikirana kandi akamenya ko Komiseri Mukuru yasinye imyanzuro igihe yamaze kwemezwa, akayishyingura ahagenewe inyandiko z'inama.
- f) Ni we ukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro n'ibyemezo byasabwe abagize Inama y'Ubutegetsi ndetse na Komisiyo zitandukanye.
- g) Akurikirana akanagira inama inzego z'umuryango zose ku iyubahirizwa ry'Amategeko Shingiro n'andi mategeko y'Umuryango.
- h) Akurikirana kandi akagira inama Inama y'Ubutegetsi ku buryo bwo kuzuza ibyo Umuryango usabwa n'Umuryango w'Abskuti ku Isi (WOSM), inzego z'ubuyobozi ndetse n'indi miryango n'amahuriro mpuzamahanga RSA ibereye umunyamuryango, cyane cyane mu kwiyandikisha, kwishyura imisanzu n'amarapor.

Ingingo ya 44 : Inshingano za Komiseri ushinzwe imari n'umutungo

Komiseri ushinzwe Imari n'Umutungo afite inshingano zo kugenzura no gukurikirana ibijyanye n'imari n'imitungo by'Umuryango, agakorana bya hafi n'abandi bagize Inama y'Ubutegetsi ndetse n'abakozi mu kubungabunga imari n'imitungo by'Umuryango. Ashyiraho kandi akagenzura ko imikorere n'imikoreshereze by'imari n'umutungo by'umuryango bikurikiza amahame ngenderwaho ndetse ko binakurikiza ibyo amategeko asaba.

Inshingano za Komiseri ushinzwe Imari ni izi zikurikira:

- a) **Ibijyanye n'imari muri rusange**
- a. Afatanyije na Komiseri Mukuru na Komiseri Nshingwabikorwa, bategura ingengo y'imari bagendeye ku Igenamigambi ryateganyijwe akaba ari na we uyigeza ku Nama y'Ubutegetsi ndetse n'Inama Nkuru y'Umuryango, kugira ngo iyemeze.

- b. Akurikirana ko ingengo y'imari ikurikizwa uko yemejwe, ahakenewe impinduka akabimenesha Inama y'Ubutegetsi kugira ngo ibifateho imyanzuro.
- c. Ategura kandi akageza raporo y'imari n'umutungo ku Nama y'Ubutegetsi ndetse n'Inama Nkuru y'Umuryango, mu buryo bwumvikana kandi butuma bayitangaho ibitekerezo.
- d. Akorana bya hafi n'abakozi bafite imari n'umutungo mu nshingano zabo, mu kubungabunga imari n'umutungo bya RSA.
- e. Ashyiraho kandi akanakurikirana iyubahirizwa ry'amabwiriza ndetse n'ibikoresho nkenerwa mu icungamari ndetse n'icungamutungo ry'Umuryango.
- f. Agenzura kandi agafasha umuryango mu gutunganya inyandiko, ishyinguranyandiko z'iby'imari n'umutungo mu buryo bwujuje ibisabwa n'umuterankunga ndetse n'izindi nzego zihabwa ubushobozzi n'Amategeko Shingiro ya RSA.
- g. Agenzura kandi agafasha mu kugira ngo RSA yuzuze ibyo isabwa imbere y'amategeko, yaba aya RSA, ay'Igihugu ndetse n'imiryango RSA ibereye umunyamuryango.
- h. Afasha Uturere tw'Ubuskuti mu gategura ingengo y'imari bazifashisha mu gushyira mu bikorwa igenamigambi ryatwo ry'Umwaka w'Ubuskuti.
- i. Yemeza isaba ryakozwe n'uturere tw'ubuskuti mu bijyanye n'amafaranga.
- j. Agira inama Inama y'Ubutegetsii ku byemezo bireba imari n'umutungo hagamijwe kugira ifatwa ry'ibyemezo bikwiye mu gihe gikwiye.
- k. Ategura ibikenewe mu gihe cy'igenzura ry'imikoreshereze y'imari n'umutungo kandi akaba ari we ukorana n'abagenzuzi afatanyije n'abakozi bo mu by'imari.
- l. Akurikirana kandi akagira inama Abakozi ndetse n'Inama y'Ubutegetsii ku buryo bwiza bwo gukoresha servisi za banki.

b) Ibjyanye no kongera umutungo, inkunga ndetse n'ibkorwa by'ubucuruzi.

- a. Afatanyije na Komisiyo y'Imari no Kwaguka kw'Umuryango, bategura ingamba zo kwinjiriza RSA umutungo.
- b. Ategura kandi akageza ku Nama y'Ubutegetsi ingamba zo gushaka no kongera abaterankunga, kugira ngo iyemeze kandi igene ishyirwa mu bikorwa ryazo.

c) Imitungo yimukanwa ndetse n'itimukanwa

- a. Ashyiraho uburyo bwo kubarura no kwandika imitungo y'umuryango akanakurikirana ko bikorwa neza.
- b. Akurikirana kandi akagenzura ko ubwishingizi bukenewe buhari kandi ku gihe.
- c. Ashyiraho ingamba n'uburyo bwo gukoresha umutungo w'umuryango, mu buryo bukurikiza amahame, intumbero n'intego by'ubuskuti.

Ingingo ya 45: Inshingano za Komiseri ushinzwe iterambere

Imwe mu ntego z'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda, ni uguteza imbere uruhare rw'urubyiruko mu iterambere ry'aho batuye, gukora ibikorwa biteza imbere imibereho myiza no gukorana n'imiryango ikora mu burezi. Ibi bizafasha umuryango gukurura abafatanyabikorwa ndetse no kugira isura nziza mu nzego z'ibanze aho dukorera.

Inshingano za Komiseri ushinzwe iterambere zikaba ari izi zikurikira:

- a. Gushaka amakuru ku mahuriro y'imiryango itegamiye kuri leta ikora ibijyanye n'intego za RSA, agashaka amakuru y'imiryango igira ibikorwa by'iterambere n'ibijyanye n'imibereho myiza, kugira ngo RSA ibashe kugirana ubufatanye na yo.
- b. Gufasha no kugira inama mu ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo gushakashaka ubushobozi bw'amafaranga. Afasha kandi mu gutegura gahunda yo gushakashaka ubushobozi bw'amafaranga n'ingamba zo kubigeraho, akanakurirkirana ishyirwa mu bikorwa ryazo.
- c. Ashakisha ahari amahirwe yo kubona inkunga ndetse agashyiraho uburyo bwo kumenyekanisha RSA kuri abo baterakunga. Ategura kandi uburyo bwo gutunganya amadosiye agezwa ku baterakunga igihe ayo mahirwe yashyizwe hanze.
- d. Akurirkirana ibikorwa byose bigamije iterambere akanafasha mu ishyirwa mu bikorwa ryabyo. Atanga ubufasha ku bakorerabushake mu kurangiza inshingano zabo, cyane cyane abategura amadosiye yo gusaba inkunga.
- e. Afatanyije na Komisiyo ishinzwe iterambere, bategura inyandiko zo gusaba inkunga, bagashyiraho uburyo bwo kubikurirkirana ndetse bakanategura raport y'ibyo bikorwa, buri gihembwe na buri mwaka.

Ingingo ya 46 : Inshingano za Komiseri ushinzwe inyigisho n'amahugurwa

- a. Ashinzwe gukurirkirana ko gahunda y'inyigisho n'amahugurwa ihora ijyanye n'igihe kandi ibiyikubiyemo bijyanye neza n'ibyo abaskuti bakeneye. Igomba guhora itekerezwaho ikajyanishwa n'amahame, uburyo ndetse n'intumbero y'Umuryango w'Abaskuti ku isi.
- b. Ni we ushinzwe itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa bya gahunda y'amahugurwa y'urubyiruko ndetse no gushyiraho inshingano z'abafite aho bahuriye na gahunda y'amahugurwa y'urubyiruko bose. Igihe bikenewe cyose kandi ageza ku Nama y'Ubutegetsi ibikeneye guhindurwa muri Gahunda y'Inyigisho n'Amahugurwa kugira ngo ijyanishwe n'igihe.
- c. Ni we ushaka abayobozi b'abaskuti, bafite ubushobozi, ubumenyi n'ubushake bwo gufasha mu gushyira Gahunda y'Inyigisho n'Amahugurwa mu bikorwa.
- d. Akora ibikenewe kugira ngo hatezwe imbere uruhare rw'urubyiruko mu bikorwa by'ingando, ibikorwa bikorerwa mu budukikije haba ku rwego rw'igihugu, urw'akarere ndetse n'urwego mpuzamahanga.
- a. Muri buri gikorwa mu byavuzwe, agishije inama Inama y'Ubutegetsi, agena amashimwe, imidari n'ibihembo bigenerwa abitabiriye ndetse n'abakoze ibikorwa by'indashyikirwa.
- b. Asuzuma amahugurwa abayobozi b'Inama y'Ubutegetsi ku rwego rw'Ighugu, uturere tw'ubuskuti, abayobozi b'inteko n'imitwe ndetse n'abakozi ba RSA bakeneye kugira ngo babashe kugera ku nshingano zabo neza, agashyiraho n'uburyo bwo kugira ngo bayahabwe.
- c. Ategura, agakurirkirana ibikorwa byose by'amahugurwa aba ku rwego rw'Uturere no ku Rwego rw'Ighugu ndetse akanabikorera raporo buri gihembwe ndetse na buri nyuma y'umwaka.

Ingingo ya 47: Inshingano za Komiseri ushinzwe ububanyi n'amahanga

- a. Ni we uharanira kandi agakora ibishoboka kugira ngo intumbero ndetse n'inyungu za Rwanda Scouts Association zimenyekane kandi zigahabwa agaciro hirya ni hino ku isi.
- b. Aharanira kandi agakora ibishoboka kugira ngo imibanire myiza hagati ya RSA na WOSM imere neza kandi ikomeze itere imbere.
- c. Ategura ingamba kandi akanakurirkirana ishyirwa mu bikorwa ryazo mu guteza imbere ibikorwa mpuzamahanga by'ubuskuti bibera mu Rwanda cyangwa ibyo u Rwanda rwitabira byabereye hanze.

- d. Atsura umubano ndetse agahanga umubano mushya n'Imiryango y'Abaskuti mubihugu bitandukanye.
- e. Ni we ushinzwe itumanaho hagati ya Rwanda Scouts Association n'indi miryango y'Abaskuti yomu bihugu byo hanze.
- f. Akurikirana ishyirwaho ry'amatsinda azahagararira Rwanda Scouts Association mu bikorwa mpuzamahanga, akabashakira ibikenerwa kugira ngo ubutumwa bagiyemo busohozwe neza.
- g. Ni we uhuzabikorwa byo kwakira abaskuti baturutse hanze baje gusura u Rwanda, cyane cyane abaje mu bikorwa by'ubuskuti.
- h. Akurikirana imishinga y'ubufatanye ndetse n'ubutwererane hagati ya RSA n'Indi miryango y'abaskuti yo hanze y'igihugu.

Ingingo ya 48: Isuzumamikorere y'Abagize inzego z'Ubuyobozi.

Hakurikijwe imirongo ngenderwaho igaragaza inshingano za buri rwego na buri muntu urugize, ategurwa isuzumamikorere rimwe mu mwaka. Ibivuye mu isuzuma bikorerwa raporo yanditse kandi imyanzuro irimo igashyirwa mu bikorwa.

IGICE CYA KABIRI : INZEGO ZIFATA IBYEMEZO Z'UMURYANGO W'ABASKUTI MU RWANDA

Ingingo ya 49 : Inzego zifata ibyemezo

Inzego zifata ibyemezo z'Umuryango w'Abaskuti mu Rwamda ni izi zikurikira :

- a) Inama y'Umutwe
- b) Inama y'Inteko
- c) Inama y'Ubutegetsi y'Akarere
- d) Inama y'Ubutegetsi ku rwego rw'Igihugu
- e) Inama Nkuru y'Umuryango.

Ingingo ya 50 : Abagize Inama y'Umutwe

- a) Umuyobozi w'Umutwe n'abamwungirije;
- b) Umujyanama w'Umutwe;
- c) Abajyanama mu by'Iyobokamana.

Iyo umutwe ubashije kugira Abajyanama mu by'Iyobokamana baturuka mu madini/amatorero atandukanye, bose baba bari mu bagize Inama y'Umutwe.

Ingingo ya 51 : Inshingano z'Inama y'Umutwe

Inama y'Umutwe ishinzwe :

- a) Guhuza ibikorwa bijyanye n'inyigisho n'amahugurwa by'Umutwe;
- b) Kwemeza gahunda n'imishinga y'amajyambere y'Umutwe no gukurikirana uko ikorwa;
- c) Kwemeza raporo y'ibikorwa by'Umutwe;
- d) Kugira ijambo rya nyuma mu gukemura amakimbirane ari mu Mutwe;
- e) Gusaba Umuyobozi w'Akarere kwemeza ishyiraho ry'Umuyobozi w'Umutwe n'iry'abamwungirije ibinyujije ku bayobozi b'izindi nzego zibanziriza urw'Akarere.
- f) Gukurikirana imikoreshereze y'umutungo w'Umutwe.
- g) Gutanga raporo ya buri gihembwe ndetse n'iy'Umwaka y'ibikorwa byabaye mu Mutwe bakabigeza ku Muyobozi w'Inteko babarizwamo. Babaye nta Nteko babrizwamo, bakayigeza kuri Komiseri w'Akarere k'Ubuskuti baherereyemo.

Ingingo ya 52 : Iterana ry'Inama y'Umutwe

Inama y'Umutwe iterana rimwe mu kwezi n'ikindi gihe cyose ari ngombwa. Ihagarwa kandi ikayoborwa n'Umuyobozi w'Umutwe; abimenyesha urwego rumukuriye kandi akaruha inyandikomvugo y'inama, igaragaza imyanzuro yafashwe kandi asaba uburenganzira bwo kuyishyira mu bikorwa. Iyo hashize iminsi 7 nyuma y'uko inyandikomvugo igejejwe ku rwego ruyikuriye itarasubizwa, Inama y'Umutwe ibishyira mu bikorwa nk'aho byemejwe.

Ingingo ya 53 : Inama y'Inteko

Inama y'Inteko igizwe na :

- a) Abagize Inama y'Ubutegetsii bw'Inteko
- b) Abayobozi b'Imitwe n'Ababungirije
- c) Abajyanama mu by'Iyobokamana.

Iyo Inteko ibashije kugira Abajyanama mu by'Iyobokamana baturuka mu madini/amatorero atandukanye, bose baba bari mu bagize Inama y'Umutwe.

Iningo ya 54 : Inshingano z' Inama y'Inteko

Inama y'Inteko ishinzwe :

- a) Guhuza ibikorwa bijyanye n'inyigisho mu Nteko;
- b) Kwemeza gahunda n'imishinga y'amajyambere y'Inteko ikanakurikirana uko ikorwa;
- c) Kwemeza raporo y'ibikorwa by'Inteko;
- d) Kugira ijambo rya nyuma mu gukemura amakimbirane mu Nteko;
- e) Gusaba Umuyobozi w'Akarere kwemeza ishyirwaho ry'Umuyobozi w'Inteko n'iry'abagize Inama y'Ubutegetsi bw'Inteko.
- f) Gukurikirana imikoreshereze y'umutungo w'Inteko.

Iningo ya 55: Iterana ry'Inama y'Inteko

Inama y'Inteko iterana nibura rimwe mu mezi atatu n'igihe cyose bibaye ngombwa. Itumirwa kandi ikayoborwa n'Umuyobozi w'Inteko. Abimenyesha Komiseri w'Akarere k'Ubuskuti baherereyemo kandi akamugenera kopi y'inyandikomvugo y'inama irimo imyanzuro yayifatiwemo. Iyo hashize iminsi 7 nyuma y'uko inyandikomvugo igejejwe ku rwego ruyikuriye itarasubizwa, Inama y'Umutwe ibisyira mu bikorwa nk'aho byemejwe.

Iningo ya 56 : Abagize Inama Nkuru y'Akarere

Inama y'Akarere igizwe na:

- a) Abagize Inama y'Ubutegetsi y'Akarere;
- b) Abayobozi b'Inteko;
- c) Abayobozi b'Imitwe;
- d) Abajyanama mu by'Iyobokamana;
- e) Uhagarariye Abayobozi bakuze mu Karere.

Iningo ya 57 : Inshingano z'Inama Nkuru y'Akarere

Inama y'Akarere ishinzwe:

- a) Kwemeza gahunda z'ibikorwa n'imishinga y'amajyambere by'Akarere;
- b) Kwemeza raporo y'ibikorwa n'iy'ikoreshwa ry'imari;
- c) Guhuza ibikorwa bijyanye n'inyigisho mu Karere;
- d) Kwemeza gahunda y'ingengo y'imari by'umwaka by'Akarere k'Ubuskuti;
- e) Kwemeza Inteko ziri mu Karere;
- f) Gukurikirana imikoreshereze y'umutungo mu Karere;
- g) Gutora abagize Inama y'Ubutegetsi y'Akarere.

Iningo ya 58 : Iterana ry'Inama Nkuru y'Akarere

Inama Nkuru y'Akarere iterana nibura inshuro 2 mu mwaka, itumijwe na Komiseri w'Akarere k'Ubuskuti. Abimenyesha Komiseri Mukuru w'Umuryango akanamuha inyandiko-mvugo y'Inama, amugezaho ibyemezo byafatiwemo. Komiseri asubiza atanga umurongo ku byasabwe mu ibaruwa bitarenze iminsi 15. Iyo iyo minsi irenze, Inama Nkuru y'Akarere ibishyira mu bikorwa uko byemejwe.

Iningo ya 59 : Inama Nkuru y'Umuryango

Inama Nkuru y'Umuryango ni rwo rwego rw'ikirenga rw'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda. Yitabirwa n'abasanzwe bayigize bemerwa n'Amategeko Shingiro n'abandi bantu b'indorerezi.

Inama Nkuru igizwe n'aba bakurikira:

- a) Inama y'Ubutegetsi ku Rwego rw'Ighugu;
- b) Abagize Komite Ngenzuzi ku Rwego rw'Ighugu;
- c) Abagize Komite Nkemurampaka ku Rwego rw'Ighugu;
- d) Abagize Komite Ngengamyitwarire ku Rwego rw'Ighugu;
- e) Abajyanama mu by'Iyokamana ku Rwego rw'Ighugu.
- f) Komiseri w'Akarere k'Ubuskuti (Bose)
- g) Komiseri Wungirije w'Akarere k'Ubuskuti (Bose)
- h) Umunyamabanga w'Akarere k'Ubuskuti (Bose)
- i) Abagize Komite y'Ihuriro ry'Urubyiruko ku rwego rw'ighugu (Bose)
- j) Umuyobozi uhagarariye abaskuti bafite ubumuga.

Iningo ya 60: Indorerezi mu Nama Nkuru y'Umuryango

Indorerezi ni abanyamuryango b'icyubahiro, abahagarariye afatanyabikorwa ndetse n'undi muntu wese watumiwe ku mugaragaro na Komiseri Mukuru, amaze kubigishamo inama Inama y'Ubutegetsi. Indorerezi zigishwa inama iyo bibaye ngombwa ariko ntzitora igihe cyo gufata ibyemezo.

Mu rwego rwo gutegura Inama neza, indorerezi zitatumiwe zishyirirwaho uburyo bwo kwiyandikisha mu gihe cyo gutumiza Inama Nkuru. Bagahabwa amabwiriza y'uko indorerezo zitwara mu gihe cy'Inama Nkuru.

Bitewe kandi n'Iningo zizigwaho mu Nama Nkuru, Inama y'Ubutegetsi ishobora kwanzura ko Inama Nkuru izaba mu Muhezo, ikabimenesha abayigize mu gihe cyo gutumira.

Iningo ya 61: Inshingano z'Inama Nkuru y'Umuryango

Inama Nkuru y'Umuryango ishinzwe:

- a) Kugena politiki rusange y'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda;
- b) Kwemeza no guhindura Amategeko Shingiro n'Amabwiriza Ngengamikorere;
- c) Gutora no kuvanaho abagize Inama y'Ubutegetsi, Abagize Akanama k'Ubugenzuzi, Abagize Akanama Nkemuramakimbirane ndetse n'Akanama Ngengamyitwarire;
- d) Kwemeza ibikorwa umuryango uzakora;
- e) Guhagarika no kwirukana umunyamuryango;

- f) Kwemeza buri mwaka ingengo y'imari n'emicungire y'imari;
- g) Kwemera impano n'indagano;
- h) Gufata icyemezo cyo gusesa umuryango;
- i) Kwakira no kwemeza raporo rusange y'ibikorwa by'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda igejejweho na Komiseri Mukuru.
- j) Kugena umusanzu utangwa na buri munyamuryango;
- k) Kwemeza gahunda y'ibikorwa igejejweho na Komiseri Mukuru, byaba ngombwa ikayihindura.

Ingingo ya 62: Amatora

Mu izina ry'Inama y'Ubutegetsi, Komiseri Mukuru amenyesha Akanama gashinzwe amatora mu gihe hari gutegurwa Inama Nkuru izabamo amatora. Akanama gashinzwe amatora gategura amabwiriza amabwiriza ngenderwaho y'amatora ndetse n'ibizakenerwa kugira ngo amatora agende neza. Umuyobozi w'Akanama Gashinzwe amatora atangaza amabwiriza ngenderwaho y'amatora, imyanya izatorerwa ndetse n'ibisabwa abaziyamamaza byibuze iminsi 30 mbere y'uko amatora aba. Akanama gashinzwe amatora karigenga aliko ntibikuraho ko gashobora kugisha inama rumwe mu nzego ziriho z'Umuryango mu gihe kari mu mirimo yako.

Ingingo ya 63: Inshingano z'Akanama gashinzwe amatora

Imirimo y'Akanama gashinzwe Amatora ni iyi ikurikira:

- a) Gushyiraho ibyangombwa bisabwa kugirango umuntu atorerwe umwanya uyu n'uyu;
- b) Gutangaza no kugeza ibisabwa kugirango umuntu atange candidature ku Turere twose ukwezi kumwe mbere y'amatora;
- c) Kwakira imyirondoro y'abiyamamariza kujya mu nzego zitorerwa zavuzwe mu ngingo ya 65, agace c);
- d) Gusuzuma niba abiyamamaje bujuje ibyangombwa bisabwa kuri buri mwanya no kumenyesha abo ubusabe bwabo butakiriwe no kumenyekanisha urutonde rw'abemerewe kuba abakandida iminsi irindwi mbere y'amatora.
- e) Kuyobora amatora no gutegura raporo y'igikorwa cy'amatora.
- f) Kuyobora umuhango wo kurahiza abayobozi batowe.

Ingingo ya 64: Abagize akanama gategura amatora

Abagize Akanama k'Amatora n'umubare wabo batorwa n'Inama Nkuru. Abakagize bagira manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa imwe(1).

Igihe ako Kanama kamara ku mirimo gitangirana n'itegurwa ry'amatora, kikarangirana n'irangira ry'amatora. Abiyamamaza ntibashobora na rimwe kuba mu bagize ako Kanama. Iyo hari uri muri ako kanama ushaka kwiyamamariza undi mwanya, abanza kwegura mbere yo gutanga kandidatire ye.

Ingingo ya 65: Uwemerewe kwiyamamaza

Uwiyamamaza wese, haba ku rwego rw'Akarere cyangwa urw'Ighugu, agomba kuba umuntu mukuru ubishoboye, ufite umwanya uhagije, kandi wakurikiye inyigisho z'abaskuti. Agomba kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire kandi afite nibura imyaka makumyabiri n'itanu (25).

Ingingo ya 66: Kwerekana abakandida

Mbere yo gutora, Akanama gashinzwe amatora kerekira imbaga y'abaje mu Nama Nkuru y'Umuryango abiayamamaje, kagaha buri wese urubuga n'umwanya wo gusobanura imigambi ye no gusubiza ibibazo ashobora kubazwa n'iyo mbaga. Uwo mwanya ntushobora kurenga iminota itatu (3). Nta bundi buryo na bumwe bwo kwiyamamaza bwemewe.

Ingingo ya 67: Uko amatora akorwa

Ku myanya yose itorerwa, hatorwa umukandida wabonye amajwi menshi kurusha abandi. Iyo umukandida ari umwe, aba agomba kuba byibuze yabonye amajwi ari hejuru ya kimwe cya kabiri (1/2) cy'inteko itora. Amatora akorwa mu ibanga.

Ingingo ya 68: Guhagararira umuntu mu nama zifatirwamo ibyemezo

Iyo bibaye ngombwa ko umuntu ahagararirwa, agomba kubitangira uburenganzira bwanditse, akabishyiraho umukono, bityo, umuhagarariye akaba abonye uburenganzira busesuye. Umuhagararira agomba kuba umwe mu basanzwe bagize Inama Nkuru y'Umuryango, kandi nta wemerewe guhagararira abantu barenze umwe.

Ingingo ya 69: Kunganya amajwi

Iyo aba mbere ku mwanya umwe banganyije, amatora asubirwamo kuri bo bonyine. Iyo aba mbere bongeye kunganya amajwi, hakoreshwu tombola ya yego na oya. Ubonye yego akaba ari we utowe.

Igihe havutse ikindi kibazo kijyanye n'amatora, Akanama gashinzwe amatora kariherera, kakareba uko kagikemura. Umwanzuro kagezeho kawushyikiriza Inama Nkuru y'Umuryango kugirango iwusuzume inawufateho umwanzuro.

Ingingo ya 70: Indahiro ku bayobozi batowe

Buri Muyobozi umaze gutorwa, mbere yo gutangira imirimo ashinzwe ararahira. Ni ngombwa ko bahita barahira bakimara gutorwa, kugira ngo indahiro yabo yakirwe n'Inama Nkuru yabatoye.

Buri wese arahira afashe ku ibendera ry'Umuryango w'Abaskuti niry'u Rwanda, kuzatunganya imirimo ashinzwe muri aya magambo:

“Imbere y’Imana ishobora byose, jyewe , Ndaahiriyeye kuzatunganya neza imirimo nshinzwe n’Umuryango w’Abaskuti mu Rwanda, nkurikiza Amahame Remezo y’Umuryango w’Abaskuti, Amategeko Shingiro n’Amabwiriza Ngengamikorere by’Umuryango w’Abaskuti mu Rwanda kandi ko nzaharanira icyateza imbere Umuryango w’Abaskuti mu Rwanda”.

Inyandiko itegurwa muri kopi ebyiri, imwe igashyingurwa mu bubiko bw'inyandiko za RSA naho indi kopi ikaba iy'uarahiye.

Ingingo ya 71: Ihererekanyabubasha

Iyo Inama y'Ubutegetsi ndetse n'izindi nzego zitorwa zimaze gushyirwaho, zikorana cyane n'izicyuye igihe mu gihe cy'ukwezi kugirango bahererekanye ububasha n'ibikoresho by'akazi.

Iningo ya 72: Isimbuzwa ry'uvuye mu nama y'Ubutegetsi

Iyo hagize umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi wegura cyangwa agahagarikwa hasigaye amezi arenze atandatu (6) ngo Inama Nkuru itaha iterane, uwamukurikiye mu majwi asabwa kuba yuzuza izo nshingano kugeza ku nama y'Inama Nkuru ikurikiraho. Iyo nta wamukurikiye mu majwi uhari cyangwa atabyemeye, Inama y'Ubutegetsi ishyiraho by'agateganyo umuntu yemeranyijweho akuzuza izo nshingano. Icyo gihe Inama Nkuru itorera kumwemeza cyangwa yaba itamwemeje igatora undi wuzuza uwo mwanya agakora izo nshingano.

Manda ibarwa nk'iyuzuye iyo usimbuye uwavuyemo agiyeho hasigaye byibuze kimwe cya kabiri cya manda.

Iningo ya 73: Iterana ry'Inama Nkuru

Inama Nkuru y'Umuryango iterana rimwe mu mwaka itumijwe kandi ikayoborwa na Komiseri Mukuru cyangwa Komiseri Mukuru Wungirije mu gihe Komiseri Mukuru atabonetse. Iyo batabonetse cyangwa banze kuyitumiza, Inama Nkuru ihamagazwa mu nyandiko isinyweho na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abemerewe kwitabira Inama Nkuru y'Umuryango. Icyo gihe abayitumije bitoramo Umuyobozi w'Inama n'Umwanditsi.

Iningo ya 74: Itumizwa ry'Inama Nkuru

Inama Nkuru Isanzwe itumizwa mbere y'iminsi mirongo itatu (30). Impapuro ziyyitumiza zigomba kuba zigaragaza ibiri ku murongo w'ibizigwa. Mbere y'uko ibyashyizwe ku murongo w'ibizigwa byemezwa burundi, buri wese mu bagize iyo nama ashobora kugeza kuri Komiseri Mukuru cyangwa Umusimbura we icyo yifuza kongeraho hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) kugirango inama iterane. Naho Inama Nkuru idasanzwe itumizwa hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15), hakigwa gusa ingingo zashyizwe ku murongo w'ibyigwa ku butumire.

Iningo ya 75: Umubare Nkenerwa

Kugirango Inama Nkuru y'Umuryango iterane, hagomba kuba hari bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize. Iyo uwo mubare utuzuye, Inama Nkuru yongera gutumizwa mu minsi cumi n'itanu (15) uretse igihe hagomba guhindurwa Amategeko Shingiro cyangwa gusesa Umuryango. Niba na none umubare wa bibiri bya gatatu (2/3) utuzuye, Inama Nkuru y'Umuryango ishobora gutterana, noneho igafata ibyemezo. Ibyemezo bifatwa ku bwiganze bw'amajwi (icya kabiri cyayo kongeraho ijwi rimwe) y'abaje mu nama cyangwa bahagarariwe.

Iningo ya 76: Ifatwa ry'Ibyemezo

Uretse ibiteganywa ukundi n'itegeko ryerekeye imiryango nyarwanda itari iya Leta, kimwe n'ingingo z'iri Tegeko Shingiro, ibyemezo by' Inama Nkuru bifatwa hakurikijwe ubwiganze bw'amajwi

y'abahari n'abahagarariwe byemewe. Iyo amajwi angana iry'Umuyobozi w'inama rigira uburemere bw'abiri.

Mu gihe ibyemezo birebana no kwirukana umunyamuryango, guhindura Amategeko Shingiro n'Amabwiriza Ngengamikorere cyangwa gusesa umuryango, ibyemezo bifatwa ku bwiganze bwa 2/3 bw'abitabiriye inama n'abahagarariwe byemewe.

Ingingo ya 77: Gusubika inama

Iyo, kubera izindi mpamu zitari ikibazo cy'umubare w'abantu, abaje mu nama badashoboye kumvikana ku byemezo n'imyanzuro bigomba gufatwa, inama irasubikwa. Yongera gutumizwa mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira, noneho hagakurikizwa ibyemejwe n'amajwi menshi gusa. Inyandikomvugo y'Inama Nkuru y'Umuryango ikorwa n'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango.

Ingingo ya 78: Uburenganzira ku ijwi

Buri wese mu bagize Inama Nkuru y'Umuryango, uretse indorerezi, afite uburenganzira bw'ijwi rimwe gusa. Ariko uhagarariye undi afite uburenganzira busesuye bwo kumutorera. Nta wemerewe guhagararira abantu barenze umwe.

IGICE CYA GATATU: INZEGO NYUBAHIRIZABYEMEZO

Ingingo ya 79: Inzego Nyubahirizabyemezo

Inzego Nyubahirizabyemezo z'Umuryango w'Abasktui mu Rwanda ni izi zikurikira:

- a) Inama y'Ubuyobozi y'Umutwe;
- b) Inama y'Ubuyobozi y'Inteko;
- c) Inama y'Ubutegetsi y'Akarere;
- d) Inama y'Ubutegetsi y'Umuryango.

Ingingo ya 80: Inama y'Ubuyobozi y'Umutwe

Inama y'Ubuyobozi y'Umutwe igizwe na:

- a) Umuyobozi w'Umutwe;
- b) Abungirije Umuyobozi w'Umutwe babiri (umuhungu n'umukobwa);
- c) Umujyanama mu by'Iyobokamana;
- d) Umujyanama

Ingingo ya 81: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi y'Umutwe

Inama y'Ubuyobozi y'Umutwe ishinzwe:

- a) Gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda y'ibikorwa by'inyigisho mu Mutwe;
- b) Gutumiza Inama y'Umutwe;
- c) Gukemura amakimbirane hagati y'abanyamuryango bagize uwo mutwe;
- d) Kwita ku mikorere myiza y'Umutwe;
- e) Kubika inyandiko no gucunga umutungo w'Umutwe;
- f) Kwita ku nyigisho zihoraho z'abagize Umutwe;
- g) Gukusanya imisanzu no kuyigeza ku babishinzwe.

Ingingo ya 82: Iterana ry'Inama y'Ubuyobozi y'Umutwe

Inama y'Ubuyobozi y'Umutwe iterana nibura inshuro imwe mu kwezi, ikayoborwa n'Umuyobozi w'Umutwe.

Ingingo ya 83: Abagize Inama y'Ubuyobozi y'Inteko

Inama y'Ubuyobozi y'Inteko igizwe na:

- a) Umuyobozi w'Inteko;
- b) Abungirije Umuyobozi w'Inteko babiri (umuhungu n'umukobwa);
- c) Umujyanama mu by'Iyobokamana mu Nteko;
- d) Umujyanama

Ingingo ya 84: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi y'Inteko

Inama y'Ubuyobozi y'Inteko ishinzwe :

- a) Gutegura gahunda y'ibikorwa by'inyigisho;
- b) Guhuza ibikorwa by'Inteko n'iby'Imitwe;
- c) Kwita ku ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Inteko;
- d) Kubika inyandiko z'Inteko;
- e) Kwita ku micungire myiza y'umutungo w'Imitwe igize Inteko;
- f) Gutumiza Inama y'Inteko,
- g) Gukusanya imisanzu no kuyigeza ku nzego zibishinzwe.

Iningo ya 85 : Iterana ry'Inama y'Ubuyobozi bw'Inteko

Inama y'Ubuyobozi y'Inteko iterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe n'Umuyobozi w'Inteko.

Iningo ya 86: Abagize Inama y'Ubutegetsi y'Akarere

Inama y'Ubutegetsi y'Akarere igizwe na :

- a) Komiseri w'Akarere;
- b) Komiseri wungirije w'Akarere,
- c) Umunyamabanga w'Akarere;
- d) Komiseri ushinzwe imari n'umutungo
- e) Komiseri ushinzwe iterambere
- f) Komiseri ushinzwe ububanyi n'ubutwererane
- g) Komiseri ushinzwe inyigisho n'amahugurwa
- h) Abaskuti babiri (umukobwa n'umuhungu) bahagarariye Ihuriro ry'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere.

Iningo ya 87: Inshingano z'Inama y'Ubutegetsi y'Akarere

Inama y'Ubutegetsi y'Akarere ishinzwe :

- a) Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Akarere, iby'Inama Nkuru y'Umuryango n'iby'Inama y'Ubutegetsi ku rwego rw'Ighugu ;
- b) Gutegura gahunda n'imishinga y'amajyambere mu Karere;
- c) Gushyira mu bikorwa gahunda z'amahugurwa;
- d) Guhuza Akarere n'indi miryango ikorera muri ako Karere;
- e) Gutangaza no kumenyekanisha amakuru mu Karere;
- f) Gucunga umutungo w'Akarere;
- g) Kureba uko imisanzu itangwa no gukurikirana uko igezwa mu isanduku y'Umuryango.

Iningo ya 88: Iterana ry'Inama y'Ubutegetsi y'Akarere

Inama y'Ubutegetsi y'Akarere iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa, itumijwe na Komiseri w'Akarere cyangwa igithe atabonetse, na Komiseri w'Akarere Wungirije. Inyandiko mvugo z'Inama zisinywe zibikwa mu bubiko bw'inyandiko bw'Akarere k'Ubuskuti.

Iningo ya 89: Inama y'Ubutegetsi ku Rwego rw'Ighugu

Inama y'Ubutegetsi y'Umuryango igizwe na:

- a) Komiseri Mukuru akaba n'Umuvugizi w'Umuryango;

- b) Komiseri Mukuru wungirije akaba n'Umuvugizi Wungirije;
- c) Umunyamabanga Mukuru;
- d) Komiseri ushinzwe imari n'umutungo
- e) Komiseri ushinzwe iterambere
- f) Komiseri ushinzwe ububanyi n'amahanga
- g) Komiseri ushinzwe inyigisho n'amahugurwa
- h) Abaskuti babiri bahagarariye Ihuriro ry'urubyiruko (Umuhungu n'Umukobwa);

Komiseri Mukuru, abigishijemo inama abagize Inama y'Ubutegetsi, ashobora gutumira abayobozi b'Utunama two ku rwego rw'Ighugu cyangwa undi muntu wese ushobora gukenerwaho ibitekerezo mu nama z'Inama y'Ubutegetsi, n'ubwo yaba atarabaye umuskuti. Bitabira inama aliko ntibatora. Inyandikomvugo z'Inama zisinywe zibikwa mu bubiko bw'inyandiko z'Inama y'Ubutegetsi. Ziba zishobora kwerekwa ubishaka kandi wabiherewe uburenganzira, cyane cyane Komite Ngenzuzi n'abagenzuzi b'imari baturutse hanze.

Iningo ya 90: Inshingano z'Inama y'Ubutegetsi y'Umuryango

Inama y'Ubutegetsi ishinzwe:

- a) Gucunga no kuyobora Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda;
- b) Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama Nkuru y'Umuryango;
- c) Gushyiraho utunama twihariye ikanaduha ububasha bumwe na bumwe;
- d) Guha Komiseri Mukuru amazina y'abagomba kujya muri utwo tunama ngo abemeze;
- e) Gutumiza no gukoresha inama zigamije kongera ubumenyi;
- f) Gukoresha inama z'Abaskuti n'ibindi bikorwa bifitiye Umuryango akamaro;
- g) Kugenzura inyandiko zisohorwa mu Muryango;
- h) Kwemeza Amategeko yihariye y'izindi nzego;
- i) Gukemura amakimbirane yose adashobora gukemurwa n'Amategeko Shingiro cyangwa Amabwiriza Ngengamikorere. Iyo ayo makimbirane adakemuriwe mu Nama y'Ubutegetsi, yoherezwa mu Kanama Nkemuramakimbirane;
- j) Gushyira ahagaragara ibibazo n'ibyifuzo by'uturere;
- k) Guhuza inzego z'Umuryango n'iz'ubutegetsi, n'iz'indi miryango ikorera mu gihugu;
- l) Gucunga umutungo w'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda;
- m) Gutegura gahunda n'imishinga y'amajyambere mu Muryango;
- n) Guhuza ibikorwa by'Utunama dukuru tw'Umuryango;
- o) Gukurikirana uko imisanzu itangwa n'uko igezwa mu isanduku y'Umuryango.

Iningo ya 91: Ihuriro ry'urubyiruko rw'Abaskuti

Ihuriro ry'urubyiruko ry'abaskuti ni urubuga rwashyiriweho abaskuti bafite imyaka hagati ya 18 na 26, kugira ngo bagire uruhare mu gutanga ibitekerezo ku buryo ubuskuti bukorwa cyangwa bwanzwa. Ibi bibafasha kugira uruhare mu nzego zifata ibyemezo mu Miryango y'abaskuti babarizwamo kandi binabafashe guteza imbere imitekereze n'ubushobozi bwabo mu kuyobora no gufata ibyemezo. Iri huriro rifite abayobozi ku rwego rw'Ighugu no ku rwego rw'Akarere k'Ubuskuti.

Ingingo ya 92; Abagize Komite Nyobozi y'Ihuriro ry'urubyiruko rw'Abaskuti

Komite Nyobozi y'Ihuriro ry'urubyiruko rw'abaskuti itorwa ku rwego rw'Akarere n'Inteko y'Akarere. Ku rwego rw'Ighugu batorwa n'abahagarariye abandi mu turere.

- a. Perezida
- b. Visi-Perezida
- c. Umunyamabanga
- d. Umubitsi
- e. Abajyanama 2

Inama y'ubutegetsi ku Rwego rw'Ighugu igena abajyanama babiri bagira inama Ihuriro, bakababa hafi mu bikorwa byabo umunsi ku munsi.

Ingingo ya 93: Umwanya w'Ihuriro ry'urubyiruko mu Nzego zifata ibyemezo

Kugira ngo uruhare rw'urubyiruko rubashe gushyirwa mu bikorwa, babiri mu bagize Komite nyobozi bahita baba mu bagize Inama y'Ubutegetsi haba ku rwego rw'Ighugu ndetse n'Akarere. Uwa mbere ni Perezida wa Komite. Undi akava hagati ya Visi Perezida n'Umunyamabanga. Mu rwego rwo kubahiriza ihame ry'uburinganire, iyo Perezida na Visi perezida ari ab'igitsina kimwe, uwa kabiri aba Umunyamabanga, na we yaba ahuje igitsina na babiri ba mbere hakajyamo ukurikira mu nshingano w'ikindi gitsina.

Ingingo ya 94: Inshingano za Komite y'Ihuriro ry'Urubyiruko rw'Abaskuti kuri buri rwego

Uretse inshingano z'abahagarariye abandi mu Nama y'Ubutegetsi zihura n'izabayigize bose, abagize ihuriro ry'urubyiruko bafite inshingano zihariye ari zo izi zikurikira.

1. Kwegeranya ibitekerezo ry'urubyiruko ku rwego barimo no kubigeza ku Nama y'Ubutegetsi kugira ngo ibikeneye gufatwaho imyanzuro ifatwe.
2. Gufatanya n'urubyiruko kwigira hamwe uburyo uruhare rwabo rwarushaho gutera imbere no kugira akamaro mu buzima bwa RSA.
3. Gutegura inama ndetse no kugenzura ibikorwa by'ihuriro ku rwego bariho
4. Kwiga ku myanzuro y'ihuriro mbere yo gutanga raporo

Buri muyobozi kandi w'ihuriro afite inshingano zikurikira zihariye.

a. Umuyobozi w'ihuriro (Perezida)

1. Guhagararira ihuriro mu Nama y'Ubutegetsi ku rwego yatoreweho
2. Gutegura no kuyobora inama z'ihuriro
3. Guhagarariara ihuriro mu nama ndetse n'ahandi hatumirwa abayobozi b'ihuriro ry'urubyiruko n'andi rwatumirwamo.
4. Gutegura raporo y'ibikorwa by'ihuriro bibera mu gihugu igashyikirizwa Komite y'Ihuriro.

b. Umuyobozi w'ungirije (Visi-Perezida)

Gusimbura umuyobozi mukuru mugihe adahari
Gutegura no gutanga imyanzuro y'ihuriro ku gihe (recommendations and Resolutions)

c. Umunyamabanga (Secretary).

1. Kwandika no gushyingura neza inyandiko z'inama zose.
2. Gukurikirana ko imyanzuro yafashwe yashyizwe mu bikorwa akamenyesha Perezida wa Komite y'ihuriro ku rwego bariho.
3. Kugeza imyanzuro cyangwa ubundi butumwa kuri Komite z'Ihuriro mu Turere no gukurikirana akamenya ko byashyizwe mu bikorwa.

d. Umubitsi (Treasurer)

1. Gutegura ingengo y'imari y'ibikorwa by'Ihuriro ku rwego rw'igihugu afatanyije na Komite y'Ihuriro.
2. Gukurikirana imikoreshereze myiza y'umutungo wahawe ihuriro
3. Gushaka inkunga mu bikorwa by'ihuriro

e. Abajyanama 2 (Two advisors)

1. Gutanga ibitekerezo no kugira inama ihuriro mu bikorwa ryabyo.
2. Gufatanya gutegura no gushyira mu bikorwa ihuriro ngarukamwaka

Abayobozi b'Inama y'Ubutegetsi kuri buri rwego basabwa gufasha no korohereza Komite Nyobozi ku rwego bariho mu gushyira mu bikorwa gahunda biyemeje. Ibi aliko bigendana n'ubushobozi kuri urwo rwego.

Iningo ya 95: Akanama k'Ubugenzuzi

Inama Nkuru y'Umuryango itora abantu batatu (3) baba abagenzuzi b'imari, bagakora Akanama k'Ubugenzuzi. Manda yabo imara igithe cy'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa. Iyo bamaze gutorwa, bitoramo Umuyobozi, Umuyobozi Wungirije n'Umwanditsi.

Iningo ya 96: Inshingano z'Akanama k'Ubugenzuzi

Abagenzuzi b'Imari bashinzwe ibi bikurikira:

- a) Kugenzura igithe cyose imicungire y'imari n'umutungo, kubikorera raporo no kuyigeza ku Nama Nkuru y'Umuryango;
- b) Bafite uburenganzira bwo gusuzuma ibitabo n'inyandiko zose z'icungamari by'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda ariko batabivanye mu bubiko bwabyo;
- c) Kugenzura raporo y'ikoreshwa ry'imari iba yakozwe n'Umubitsi mbere y'uko yerekwa Inama Nkuru y'Umuryango.
- d) Kugira inama Inama y'Ubutegetsi igithe cyose kabona hari ibishobora guhindurwa bigatuma uburyo bw'imikoreshereze y'umutungo w'umuryango igenda neza.

Nta muntu wemerewe kukabamo igithe afite urundi rwego abarizwamo mu nzego z'ubuyobozi za RSA, guhera ku rwego rw'akarere kugera ku rw'Igihugu.

Ingingo ya 97: Akanama Nkemuramakimbirane

Inama Nkuru y'Umuryango itora abantu batanu (5) bagize Akanama Nkemuramakimbirane. Abagize aka kanama batorerwa manda imwe imara imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa. Iyo bamaze gutorwa, nabo bitoramo Umuyobozi, Umuyobozi Wungirije, Umwanditsi n'abajyanama babiri.

Ingingo ya 98: Inshingano z'Akanama Nkemuramakimbirane

Inshingano z'Akanama Nkemuramakimbirane ni izi :

- a) Kwakira ibirego cyangwa ibikekwa gutera amakimbirane haba hagati y'abanyamuryango ubwabo, hagati y'abanyamuryango n'inzego z'Umuryango ndetse no hagati y'umuryango n'abandi baturuka hanze yawo.
- b) Kubisesengura no kubikoraho ubushakashatsi bwimbitse hagamijwe gushaka ingamba zo kubikemura mu bwumvikane.
- c) Gufasha impande zagiranye ikibazo kubona igisubizo ndetse no kwiyunga mu bwumvikane n'ubuvandimwe.

Nta muntu wemerewe kukabamo igithe afite urundi rwego abarizwamo mu nzego z'ubuyobozi za RSA, guhera ku rwego rw'akarere kugera ku rw'Igihugu.

Ingingo ya 99: Akanama Ngengamyitwarire

Inama Nkuru y'Umuryango itora abantu batanu (5) bagize Akanama Ngengamyitwarire. Abagize aka kanama batorerwa manda imwe imara imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa. Iyo bamaze gutorwa, bitoramo Umuyobozi, Umuyobozi Wungirije, Umwanditsi n'abajyanama babiri.

Ingingo ya 100 : Inshingano z'Akanama Ngengamyitwarire

- a) Gushyiraho inyandiko isobanura imyitwarire n'imigenzereze ibereye abaskuti mu Rwanda (Code of Conduct) itanyuranya n'amahame y'umuryango ku rwego rw'isi (WOSM) ndetse n'Amategeko Shingiro n'aya mabwiriza ya RSA;
- b) Gukurikiranira hafi imyitwarire n'imigenzereze y'abanyamuryango, harebwa ko bubahiriza amategeko y'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda;
- c) Aho bibonetse ko abanyamuryango bafite imyitwarire ihabanye n'amategeko ya RSA, Akanama kabagira inama cyangwa kakabagenera ibihano, bitewe n'uburemure bw'amakosa bakoze. Ibi byose kabimenyesha Inama y'Ubutegetsi kugira ngo bishyirwe mu bikorwa.
- d) Gukoresha ububasha Akanama gafite mu bindi byose nk'uko bikubiye mu buryo bwo kwitwara kw'abanyamuryango ba RSA.

Nta muntu wemerewe kukabamo igithe afite urundi rwego abarizwamo mu nzego z'ubuyobozi za RSA, guhera ku rwego rw'akarere kugera ku rw'Igihugu.

Ingingo ya 101: Komisiyo zo ku rwego rw'Igihugu

Mu Muryango w'Abaskuti mu Rwanda hashyirwaho Komisiyo zishinzwe gufasha Umuryango kugera ku nshingano zaho mu nzego zinyuranye. Izo komisiyo n'umubare wazo bishyirwaho n'Inama y'Ubutegetsi ikurikije ibikenewe kugira ngo gahunda z'Umuryango zibashe gushyirwa mu bikorwa.

Ku rwego rw'Akarere k'Ubuskuti, Inama y'Ubutegetsi ishobora kwemeza komisiyo zizyaho, gusa ntizishobora kurenga umubare wa komisiyo ziriho ku rwego rw'igihugu. Mu gihe hari komisiyo yihariye Inama y'Ubutegetsi y'Akarere ishaka gushyiraho kubera impamvu runaka, ibisabira uburenganzira Inama y'Ubutegetsi mu nyandiko itanga irangashiro ry'yo komisiyo.

Ingingo ya 102: Komisiyo zihariye (ad hoc)

Iyo bibaye ngombwa, kubera ko hari gutegurwa igikorwa runaka, Inama y'Ubutegetsi ishobora gushyiraho komisiyo yihariye. Iyo komisiyo ifasha mu gutegura igikorwa runaka. Urwego ruyishyizeho rushyiraho inyandiko igaragaza inshingano zayo ndetse n'igihe izamara. Iyo icyo komisiyo yashyiriweho kirangiye, iraseswa, ibanje gutanga raporo y'igikorwa yashyiriweho.

UMUTWE WA GATANDATU: UMUTUNGO W'UMURYANGO **W'ABASKUTI MU RWANDA**

Iningo ya 103: Aho umutungo wa RSA uturuka

Usibye ibyemezo byihariye bigena ubwihaze bw'Imitwe, ubwihaze bw'Ibigo by'Abaskuti Biharanira Amajyambere mu Cyaro (C.S.R.D.) n'ubw'Ibigo Bihugura Abaskuti (C.F.S.), umutungo w'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda ugizwe na:

1. Imisanzu y'abanyamuryango;
2. Inyungu z'ibikorwa by'Umuryango;
3. Umutungo wimukanwa n'utimukanwa;
4. Amafaranga ari muri banki n'ari mu isanduku;
5. Ibabitse n'imyenda abantu bafitiye Umuryango;
6. Inkunga za Leta;
7. Impano n'indagano.

Iningo ya 104: Imicungire y'umutungo w'Umuryango

Imicungire y'uwo mutungo ishinzwe Komiseri Mukuru, Komiseri ushinzwe imari n'umutungo bafatanyije n'Umunyamabanga Mukuru.

Icyemezo cyose cyo kubikuza amafaranga kigomba kuba kiriho imikono ibiri muri ine yemewe ariyo:

- Uwa Komiseri Mukuru;
- Uwa Komiseri ushinzwe imari n'umutungo mu Muryango;
- Uw'Umunyamabanga Mukuru ndetse n'
- Uwa Komiseri Nshingwabikorwa (NEC) igihe imwe muri izi ebyiri ziheruka itabonetse.

Uko byagenda kose, iya Komiseri Mukuru ntigomba kubura muri izo ebyiri kugira ngo cheque ihabwe agaciro.

Iningo ya 105: Ikurikiranwa ry'imicungire mibi

Imicungire mibi y'umutungo iyo ari yose ikurikiranwa mu nzego z'ubucamanza n'Uhagarariye Umuryango ariwe Komiseri Mukuru cyangwa Komiseri Mukuru Wungirije.

UMUTWE WA KARINDWI: AMATEGEKO Y'INZIBACYUHO

IGICE CYA MBERE: KWEGURA NO GUHAGARIKWA

Ingingo ya 106: Kwegura

Umuyobozi wese mu Muryango w'Abaskuti mu Rwanda ashobora kwegura ku mirimo ye igihe cyose bibaye ngombwa. Nyir'ubwite abikora mu nyandiko ashyikiriza urwego rwamushyizeho. Atanga integuza y'iminsi mirongo itatu nibura. Kwegura kwe bimenyeshwa Inama Nkuru y'Umuryango ari yo ibyemeza bidasubirwaho.

Kwemererwa gusezera ntibikuraho ko habaye hari iby'umuryango yangije cyangwa ibindi umuryango ukeneye kumukurikiranaho, wabikora mu nzira zose zemewe n'amategeko y'u Rwanda.

Ingingo ya 107: Guhagarikwa kw'ugize Inama y'Ubutegetsi ku Rwego rw'Igihugu

Komiseri Mukuru, amaze kubijyaho inama n'Inama y'Ubutegetsi ashobora guhagarika by'agateganyo umwe mu bayigize mu mirimo ye mu gihe:

- a. Atubahiriza Amategeko Shingiro n'Amabwiriza Ngengamikorere by'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda n'andi mategeko abishamikiyeho;
- b. Iyo asibye inshuro eshatu zikurikiranya mu nama z'Inama y'Ubutegetsi cyangwa ibindi bikorwa by'Umuryango nta mpamvu ifatika agararagaraje Komiseri Mukuru cyangwa undi watumije inama mu nyandiko;
- c. Iyo asebya Umuryango cyangwa yifata nabi hakurikijwe ibigaragara mu nyandiko ngengamyitwarire (Code of conduct);
- d. Byagaragaye ko atubahiriza inshingano yatorewe.

Bimenyeshwa Inama Nkuru ikurikiraho ikazabifataho umwanzuro, nyuma yo kumva ibisobanuro by'uwahagaritswe. Ibisobanuro birambuye bijyanye n'impamvu zishobora gutuma ugize Inama y'Ubutegetsi ahagarikwa bisobanurwa mu mategeko ngengamyitwarire (Code of Conduct) y'abayobozi ba RSA.

Ingingo ya 108: Guhagarikwa kw'Abagize Inama y'Ubutegetsi ku rwego rw'Akarere

Ikurwaho ry'umwe mu bagize inama y'ubutegetsi y'Akarere ryemezw na Komiseri Mukuru abisabwe n'Inama Nkuru y'Akarere, cyangwa se Inama y'Ubutegetsi y'Akarere. Impamvu zishingirwaho ni zimwe n'izavuzwe mu ngingo ibanziriza iyi. Ibi bikorwa mu ibaruwa isobanura impamvu asabirwa guhagarikwa ndetse inagaragaza ibimenyetso.

Ihagarikwa ry'agateganyo ry'umwe cyangwa bensi mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'Akarere rikorwa na Komiseri Mukuru abigishijemo inama Inama y'Ubutegetsi ku rwego rw'Igihugu. Hatumizwa Inama Nkuru y'Akarere mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) kugirango ifate icyemezo cya nyuma, nyuma yo kumva ibisobanuro by'uwahagaritswe.

Ingingo ya 109: Guhagarikwa kw'abandi bayobozi

Ihagarikwa cyangwa ikurwaho ry'abandi bayobozi batarebwa n'ingingo zibanziriza iyi z'aya mabwiriza ngengamikorere, risabwa n'Ubuyobozi bwemeza ishyirwaho ryabo. Ihagarikwa cyangwa ikurwaho ryose ritangarizwa nyir'ubwite mu nyandiko asinyira ko abonye kandi ibyo bigakorwa

bitarenze iminsi cumi n'itanu (15). Iyo nyir'uguhagarikwa atanogewe n'icyemezo yafatiwe, ahabwa uburenganzira bwo kwisobanura. Urwego rwamuhagaritse, rubisuzumana ubushishozi rukabona gufata umwanzuro. Impaka zishobora kuvuka kuri icyo cyemezo zishyikirizwa Akanama Nkemuramakimbirane kagafasha impande zombi kubishakira igisubizo.

IGICE CYA KABIRI: GUTAKAZA UBUNYAMURYANGO

Ingingo ya 110: Impamvu zo gutakaza ubunyamuryango

Gutakaza ubunyamuryango biterwa n'impamvu zitandukanye zirimo:

1. Urupfu;
2. Gusezera ku bushake;
3. Kudatanga umusanzu w'umunyamuryango mu gihe kirenze imyaka ibiri nta mpamvu izwi no
4. Kvirukanwa kubera imyitwarire, imikorere n'imigenzereze mibi ihabanye n'amahame y'umuryango cyangwa
5. Iseswa ry'Umuryango.

Usezeye ku bushake yandikira Komiseri Mukuru, bikemezwa n'Inama Nkuru y'Umuryango.

Imyitwarire, imikorere n'imigenzereze by'umunyamuryango wa RSA biteganywa n'inyandiko yavuzwe mu ngingo ya 100 mu gace a). Itegurwa n'Akanama Ngengamyitwarire ari nako gafite inshingano za mbere zo gukurikirana iyubahirizwa ryayo. Iyo nyandiko isobanura neza impamvu zishobora gutuma umuntu atakaza ubunyamuryango.

Ingingo ya 111: Guhagarika umunyamuryango by'agateganyo

Mbere yo kwirukanwa umunyamuryango burundu, abanza guhagarikwa by'agateganyo.

Icyemezo cyo guhagarika umunyamuryango by'agateganyo gifatwa n'Akanama Nkemuramakimbirane, nyuma yo gushyikirizwa ikibazo n'Inama y'Ubutegetsi no kugisuzuma. Akanama Nkemuramakimbirane kigana ubushishozi ikibazo, ndetse kagaha n'umwanya umunyamuryango usabirwa kwirukanwa umwanya wo kwisobanura.

Iyo Akanama gasanze agomba gusezererwa, gasaba Komiseri Mukuru kwandikira uwo bireba ko ahagaritswe by'agateganyo, kugeza igithe Inama Nkuru y'Umuryango izateranira ikabifataho umwanzuro ntakuka.

Ingingo ya 112: Kwirukanwa umunyamuryango bya burundu

Icyemezo cyo kwirukanwa umunyamuryango ku buryo bwa burundu gifatwa n'Inama Nkuru y'Umuryango, ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi, imaze kumva ibyo Akanama Nkemuramakimbirane kabivugaho. Mbere y'uko Inama Nkuru ifata umwanzuro, ibanza guha usabirwa kwirukanwa umwanya akisobanura ku byo avugwaho.

Iningo ya 113: Ingaruka zo gutakaza ubunyamuryango

Gutakaza uburenganzira bwo kuba umunyamuryango bituma nyir'ubwite abura:

- a) Uburenganzira bwose amategeko y'Umuryango yamwemereraga;
- b) Uburenganzira bwo kwambara umwambaro w'Abaskuti n'ibimenyetso bijyana nawo;
- c) Uburenganzira bwo kwimamaza mu nzego z'Umuryango.

Iningo ya 114: Utangaza gutakaza ubunyamuryango

Guhagarikwa by'agateganyo ku munyamuryango bitangazwa na Komiseri Mukuru, agandeye ku myanzuro y'Akanama Nkemuramakimbirane. Abimenyesha uwasabiwe kwirukanwa ndetse n'inzego z'Umuryango w'abaskuti, cyane cyane izo ku rwego uwo munyamuryango yakoreragaho.

Kwirukanwa bya burundu ku munyamuryango na byo bitangazwa na Komiseri Mukuru, agandeye ku cyemezo cy'Inama Nkuru yagifasheho umwanzuro. Iyo ari ibya burundu bimenyeshwa nyirubwite mu ibarwa, agasinya ko ayakiriye. Bimenyeshwa kandi inzego z'Umuryango w'Abaskuti zose ndetse n'izindi nzego zose bireba.

IGICE CYA GATATU: GUHINDURA AMABWIRIZA NGENGAMIKORERE

Iningo y'115: Guhindura aya mategeko

Nk'uko biteganyijwe n'Amategeko Shingiro y'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda, ku bwiganze busesuye (kimwe cya kabiri hiyongereyeho ijwi rimwe), Inama Nkuru y'Umuryango niyo yonyine ifite ububasha bwo guhindura zose cyangwa zimwe mu ngingo z'aya Mabwiriza Ngengamikorere y'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda, hakurikijwe icyifuzo cy'Inama y'Ubutegetsi bw'Umuryango cyangwa ibisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abasanzwe bagize Inama Nkuru y'Umuryango.

Bikorewe i
ku ya/...../.....

**UZABUMUGABO Virgile
Komiseri Mukuru
Rwanda Scouts Association**

.....
**Umunyamabanga Mukuru
Rwanda Scouts Association**

